# Ibitega Bitobotse

Phoenix, Arizona, USA

23 Ukuboza 1965

1 Reka tugume duhagaze akanya gato maze twubike imitwe yacu. Mwami Yesu, turimo turageragezaa mu buryo buciye bugufi kubikugaragariza binyuze mu kuririmba iyi, ko twizeye. Kandi turasenze, Mwami, gutyo ubu, kugira ngo Ukomeze utumanyurire Umugati w'Ubugingo, uduhe ibyo dukenye bivuye mu Ijambo Ryawe. Kubera ko tubisabye mu Izina rya Yesu. Amena. Mwicare.

2 Ndumva nzi neza, dushoboye kuvuga amagambo ahagije ubu ya "amena," ko imigisha yose y'agaciro y'Imana yashobora kuguma kuri iri teraniro.

Nicaye muri iki gitondo maze numva neza iteraniro, nuko nryoherwa n'ubuhamya, mu buryo butandukanye buri wese afite bwo kwisobanura. Kandi no kumva abashya, bene Data b'Abaptista hano baza gusaba imbabazi kubwo kuba baratekereje nabi gato. Uko niko nyakuri nashimye cyane guca bugufi... Umuntu ashobora kuba umuntu cyane, cyangwa... cyangwa akaba umwana mwiza cyane nabwo, igihe atekereje ko yakoze ikosa. Ntabwo nyakuri ari njye yaje gusaba imbabazi; ntabwo ari njye yarimo asaba imbabazi; ni Imana. Noneho njye...Ibyo ndabishimye. Murabona? Imana ihe umugisha bene Data na mwene Data w'umubwiriza.

Mbega, uriya mubatisita, murazi, nahoze mbarizwa mu Itorero ry' Ababaptista ubwanjye. Nari umwe mu bagize itorero rya Missionary Baptist. Igihe naje hagati mu bantu, nzi uko wiyumva. Uko niko niyumva, mbega mba nuzuye ikintu njye…. Ntashobora kumenya.

3 Ndibuka ubwo nahuraga bwa mbere n'Abapantekote; nari ndi muri Dowagiac Michigan. Mumbabarire gato; nari ndi muri Dowagiac mu rugendo rwo kujya kuroba, noneho narimo manuka mvuye Dowagiac ngiye Indiana. Uko niko nabonye amazina ya "Yesu" ahantu hose ku mamodoka n'ibindi, maze numva amateraniro yabo uwo munsi. Kandi umunsi ukurikiyeho bansaba kuza ku gicaniro kugira ngo ngire amagambo make mvuga, maze ndabikora. Kandi njye... Barambajije ngo nturuka murihe torero, maze mbabwira ko nari Umubaptista.

Kandi iryo joro bari bafi umusaza w'umwirabura wari ugiye kubwiriza, kandi ndatekereza ko yari afite hafi imyaka mirongwicyenda, maze aza aho ku gicaniro. Uwo musaza, byasaga nkaho ari ukumusindagiza ngo agere aho ku gicaniro. Yari… afite rimwe muri ya makote y'ababwirazabutumwa maremare, kandi afite ikora ry'uruhu runoze, agasatsi gake k'umweru kazengurutse ku mutwe mu mpande. Maze ndatekereza nti, "Aba bantu bose hano n'abanyatewolojiya, aba bantu bakomeye, ni gute bajyaga kwemera guhereza amateraniro umuntu nk'uwo? Rero, uwo musaza agomba kuba yari mu kagare ahantu runaka, yicaye..."

4 Barimo babwiriza uwo munsi kubijyanye n'ibyo Yesu yakoze igihe yari hano ku isi. Nuko akura guhumekerwa kwe, ndibwira ari muri Yobu 7:20, ntabwo nzi neza niba cyari icyo Cyanditswe. Uko biri kose, uwo ni wo wari umurongo, cyangwa bimwe mu bice byawo, "Ese wari he ubwo naremaga isi, igihe inyenyeri zo mu ruturuturu zaririmbiraga hamwe, kandi abana b'Imana basakurishwa n'umunezero?" Maze avuga ku byabaye mu ijuru, mu gihe yarimo avuga ku byabaye mu isi.

Kandi ahantu runaka, nko mu minota itanu nyuma y'uko avuze, we, Umwuka w'Umwami amukoraho, maze arasimbuka mu birere aho hasi ahita akubitanya talon [check] z'inkweto. Kandi mbega, hari ibyumba byinshi, aho hari nk'icyakabiri aho ku gicaniro; maze arasohoka, agendagenda aho, aravuga ati, "Ntabwo mufite icyumba gihagije hano nashobora kubwirizamo."

Ubwo, nari nko mumyaka makumyabiri aho. Ndatekereza nti, "Niba… Niba ibi bishobora gukora ku musaza nka kuriya, noneho kuri njye biragenda bite?" Ese muri kubibona?

5 Mu rwego rwo kugira ngo ibintu byose tubishyire mu murongo kuri aba bene Data bashya, abo nyakuri twakiriye mu busabane bwacu. Murabona, ndibwira ko bakiriye umupadiri wicaye hano, ndibwira; kubera ko, kubwo kuba umunya Irlande, abantu banjye ni Abagaturika. Kandi hari na bamwe mu Baptist n'abandi batandukanye. Mushobora kuba byaragiye bibashobera mu gihe gito gishize. Nabonye ko nta numwe muri bene Data wabivuzeho, ariko ndatekereza ko nkwiriye kubisobanura. Igihe Mwene Data Shakarian... Nyuma y'uko umubwiriza mwiza hano yari amaze kuzura umunezero kubwo kumenya kuza k'Umwami ko kuri hafi cyane, we... Yavuze mu ndimi zitamenyekana kuri twe. Kandi twari dufite abasobanuzi baduha ubusobanuro. Ibyo Ibyanditswe bivuga biti, "Niba nta musobanuzi uhari, noneho baceceke." Ariko niba... niba bavuga mu ndimi hanyuma bakazisobanura, aho biba bihindutse ubuhanuzi. Noneho ikitumvikana gato ni uko bari babiri icyarimwe. Noneho, ibyo ntabwo byari kuvangirwa na gato (Murabona?), kubera ko umwe muri bo yarimo atanga ubusobanuro; undi nawe arimo ahanura. Murabona? Uko niko ibyo...

6 Natekereje ko ndibuze gusobanurira bene Data, niba batabisobanukiwe, kubera ko umwe muri bo yarimo atanga mu butyo butunganye… Ese mwitegereje akanya umwe amara? Kandi undi nawe yabaga yuzuye, uwo Mwuka w'Imana warimo uhanura unyuze muri umwe; Ukasobanura, undi nawe yarimo atanga ubusobanuro. Kugira ngo bibe bisobanutse, kugira ngo mwe... Ntabwo turi hano... Rimwe na rimwe, ku bitekerezo bisanzwe by'abantu... Kimwe n'uyu mwene Data w'igiciro warimo asaba imbabazi iki

gitondo. Biba ari ibi bintu bigoye kumva ku bantu batabisobanukiwe. Ariko kuri abo barimo imbere, abo ni abarwanyi ba kera nibo turi bo, kubera ko, dusobanukiwe icyo ibi bintu biricyo. Uko niko natekereje ko ngomba kugira ikintu mbivugaho, niba nta kibazo.

7 Noneho, njye… uyu ntabwo ari umwanya wo kuvuga ibi. Ariko kubwo kuba buri muntu yarimo agira utuntu duto avuga, njye… Murabizi, nkuko uriya muntu yabivuze, uwo musaza w'umwirabura yavuze ati, "Ntabwo mufite icyumba gihagije kuri njye nabwirizamo." Ntabwo mufite umwanya uhagije kuri njye nakoresha ngo mbwirize; kubera ko mfite mbyinshi byo kuvuga.

Umuntu yarambwiye igihe kimwe, ati "Umukozi w'Imana yaraje; yaramaze imyaka makumyabiri ari pasteri w'itorero. Kandi igihe cyose yabwirizaga neza neza iminota mirongwitatu buri Kucyumweru mu gitondo kuri iri torero." Maze aravuga ati, "Iki Cyumweru mu gitondo, yabwirije amasaha atatu."

Noneho ubwo nibwo abadiyakoni bamuhamagaye, maze baravuga bati, "Pasteri, turagushimiye nyakuri." Bati, "Igihe cyose tuziko ushyigikira Bibiliya n'uburenganzira bwayo." Maze bati ikindi, "Ujya udukosora kugira ngo twumve dutunganye kandi dukeye imbere y'Imana. Noneho turagushimiye nyakuri, kandi turakwizeye ko uri umukozi w'Imana. Kandi nyakuri twishimiye ubu butumwa muri iki gitondo." Ariko baravuga bati "Hari ikintu kimwe dushaka kugusaba kuri ibyo." Bati, "Twabaze igihe cyawe, nk'inama y'abadiyakoni." Bati, "Buri Kucyumweru mu gitondo umara neza neza iminota mirongwitatu, none uyu munsi wamaze amasaha atatu." Ati, "Noneho, wibuke ko, twabyishimiye byose. Byari byiza." Barimo batuma uwo musaza yumva aguwe neza, murabizi.

8 Aravuga ati, "Rero, bene Data, ndababwira ibyo ari byo." Ati, "Buri gitondo igihe ngiye… Iyo mpamagawe ku gicaniro," ati, "Nshyira utwo tuntu tuyenga mu kanwa kanjye," ati, "maze nkakanyunyuza." maze aravuga ati, "Igihe utwo tuntu tuyenga turangiye," ati, "tumara nk'iminota mirongwitatu," maze aravuga ati, "ubwo mpita mpagarika kubwiriza." Aravuga ati, "Murazi, iki gitondo, natekereje ko natinze ho gato. Ndaducira; nsanga narimfite igipesu mu kanwa."

Njye nta kintu nashyiramo, noneho… Ndibwira ko ntakeneye ibipesu mu mufuka wanjye. Ariko turi… Ndibwira ko ibi bitumvikana nk'igitutsi hano. Ariko njye gusa… Murazi, n'Imana igira akantu ko guseka, murabizi.

Noneho turashimira kubwo kuba hano maze tukagira uyu mwanya w'ubusabane, kandi… kandi hamwe n'aya mahirwe akomeye yo kumanyura Umugati w'Ubugingo indi nshuro imwe mu buryo bwanjye bworoheje. Ndabizi, nk'abanyatewolojiya, nkuko uriya muntu yabivuze hano nijoro uvuye mu Bwongereza; mbega, nanga kuzamuka hano nyuma y'umuntu nk'uriya hamwe n'aya mashuri yanjye arindwi abanza. Ariko ndibwira ko Imana iraza kubasobanurira ubusobanuro buri mu mutima wanjye. Murabona? Niba amagambo yanjye adakwiriye, icyo ngamije, niringiye ko gikwiriye.

9 Noneho, reka dusome mu Byanditswe. Benshi muri mwe bakunda gukurikira. Kandi ngiye gusoma muri iki gitondo, mu kanya gato aha mu Gitabo cy'umuhanuzi Yeremiya, igice cya kabiri, kandi ngiye gutangirira ku murongo wa mbere.

> *Ijambo ry'Uwiteka ryanjeho riti "Genda urangururire mu matwi y'ab'i Yerusalemu uti 'Uku ni ko Uwiteka avuze ati: Nibutse ineza yo mu bukumi bwawe, n'urukundo rw'ubugeni bwawe, uko wankurikiye mu butayu mu gihugu kitigeze guhingwa.*
>
> *Isirayeli yari Uwera ku Uwiteka, umuganura w'ibyo yungukaga. Abamugirira nabi bose bazabihanirwa, kandi ibyago bizabazaho.' " Ni ko Uwiteka avuga.*
>
> *Nimwumve ijambo ry'Uwiteka yemwe ab'inzu ya Yakobo mwe, n'imiryango yose y'inzu ya Isirayeli.*
>
> *Uku ni ko Uwiteka abaza ati "Gukiranirwa ba so bambonyeho ni uguki, kwatumye banyimūra bagakurikira ibitagira akamaro, kandi bagahinduka nk'ubusa?*
>
> *Ntibarushya babaza bati 'Uwiteka wadukuye mu gihugu cya Egiputa ari he? Ni we waturongōye mu butayu mu gihugu cy'umutarwe n'imyobo, mu gihugu cyumye kirimo igicucu cy'urupfu, mu gihugu kitanyuramo umuntu kandi kitagira ugituyemo.'*
>
> *Kandi nabazanye mu gihugu kirimo ubukire kugira ngo murye umwero wacyo n'ibyiza byacyo, ariko mumaze kuhagera mwanyandurije igihugu, umwandu wanjye mwawuhinduye ikizira.*
>
> *Abatambyi ntibarushya babaza bati 'Uwiteka ari hehe?' N'abanyamategeko ntibamenyaga, abashumba na bo bancumuragaho, n'abahanuzi bahanuriraga Bāli, bikurikiriye ibitagira umumaro.*
>
> *"Ni cyo gituma ngiye kongera kubaburanya, ni ko Uwiteka avuga, nzaburanya abuzukuru banyu.*

*Nimwambuke mufate ku birwa by'i Kitimu mwirebere, mutume i Kedari kandi mwitegereze cyane, murebe ko hariho igisa gityo cyigeze kubaho.*

*Mbese hariho ishyanga ryakunda kugurana imana zaryo kandi atari imana? Ariko abantu banjye baguranye icyubahiro cyabo ibitagira umumaro.*

*Wumirwe ku bw'ibyo wa juru we, ufatwe n'ubwoba bukabije wihebe cyane. Ni ko Uwiteka avuga.*

*Kuko abantu banjye bakoze ibyaha bibiri: baranyimūye kandi ari jye sōko y'amazi y'ubugingo, kandi bikorogoshoreye ibitega mu rutare, ndetse ni ibitega bitobotse bitabasha gukomeza amazi.*"

10 Reka Umwami yongere imigisha Ye kugusomwa kw'Amagambo Yayo. Kandi ndashaka gufata… guhumekerwa muri byo nki, "Ibitega Bitobotse."

Twahoze dusoma Ibyanditswe muri iki gitondo; aribyo, Ibyanditswe byose byazanywe no guhumekerwa. Kandi twaje mu nzu y'Uwiteka kugira ngo adukosore kandi dusobanukirwe. Kandi rimwe na rimwe tubona ko… akantu gato kajya munzira.

Nkuko uyu mugabo w'umusirakare yahoze atubwira ubushize maze avuga ku bintu bimwe, ko ahari bishoboka ko mu bindi bihugu bimwe baba bafite ibisasu kirimbuzi, cyangwa… cyangwa ikintu cyo muri mwene ubwo bwoko, kandi ko tugomba kubona ikindi kintu cyo kugihagarika... Mu mayeri ya gisirikare.

Rero, ibyo bintu bimwe biba mu rusengero aho kuri paroise aho umuntu arimo kubwiriza, cyangwa niba ari umubwirizabutumwa mu murimo. Igihe abonye hari ikintu gitangiye guhaguru, kandi hari ikintu kirimo gutangira, bikiri, mu itangira ryabyo cyangwa ikindi byaba biricyo; biri kuri uwo muntu, niba ari umukozi w'Imana, kugira ngo arinde icyo kintu kitaba mu bitekerezo by'abantu kugira ngo bajye kure yabyo, kugira twebwe tubashe kugera ahantu nk'aho.

11 Noneho, mu gihe cya Yeremiya hano, ubuhanuzi bwe, bwabayeho mu myaka nka mirongwitandatu uhereye igihe cy'urupfu rwa Yesaya… Yesaya. Kandi bari bamaze nk'imyaka mirongwitandatu badafite umuhanuzi mukuru. Hari Habakuki na bamwe mu bahanuzi bato, ariko Yesaya yari we muhanuzi mukuru waherukaga. Kandi abantu bari bafite... bafite, muri iki gihe nta muntu bari bafite wo kubahamagara, barimo barindagira (Nyamara nabwo, bari ubwoko bw'Imana.), barimo barindagira muri iyo mimerere iyo... iyo tubabonamo, nkuko Yeremiya yaje kugira ngo abahanurire. Maze Yeremiya nawe yari... Yahanuye mbere y'uko bahunga, maze ajyana nabo mu buhunzi.

Kandi hanyuma, birumvikana, Daniyeli yaje nyuma ya Yeremiya. Kandi Daniyeli avuga ko yasobanukiwe binyuze mu Byanditswe iby'imyaka mirongwirindwi iyo bagombaga kumara aho.

Birumvikana, aho hari undi muhanuzi hagati muri bo, washakaga kwiremera imiti bitwara ibimasa, uko yakabishyize ku gikanu cye, avuga ko icyo kizaba ari ikintu gito, ko, "Nko mu myaka ibiri, ubwo, Imana yari igiye kongera kubagarura bose," ariko Yeremiya yari azi ibinyuranye n'ibyo. Kandi tuzi icyabaye kuri uwo muhanuzi wahanuye ibitaribyo; yapfuye muri uwo mwaka. Uko niko Imana itari bumwemerere ko agumaho.

12 Kandi noneho, tubona ko imimerere y'abantu muri iriya minsi. Ubu, ntabwo nshaka ko munyumva nabi; ntabwo aricyo ngamije mubyo ndimo kugerageza kuvuga hano, bimwe mu Byanditswe n'inyandiko nto.

Mbere sinajyaga ntegura ngo nandike Ibyanditswe byanjye n'ibindi bintu. Ariko nyuma y'uko ndenze imyaka makumyabiri n'itanu ubwa kabiri, ubwo, njye… Ntabwo nkibuka neza nkuko byahoze, bityo ndandika Ibyanditswe kandi uko niko menya ngendeye kuri ibyo aho ngiye. Kandi nyuma ibihe byinshi mba nsengera abarwayi, n'ibindi, ndetse ndi hanze nagiye, ntabwo mfite igihe nyakuri cyo kuba nabyiga nkuko nkwiriye kubikora.

13 Noneho, ariko uyu muhanuzi ukomeye w'iki gihe yari Yeremiya, kandi yari mu murongo umwe w'Abamosi n'abandi bantu benshi bahagurutse. Yarahagurutse ubwo yabonye imimerere y'igihugu. Noneho, hari hari ahantu henshi…

Rimwe na rimwe igihe muri kuvuga kubijyanye n'igihugu, bashoboraga gutekereza ko arimo yerekeza ku itsinda runaka. Ntabwo ari ibyo. Byari ishusho yuzuye y'igihugu. Kandi tubona uyu munsi..., imimerere wageranya uyu munsi imeze nkuko yari imeze mu minsi ya Yeremiya, iyo igihugu cyose cyagiyemo, hafi cyane, ubusambanyi; uburyo bwo... ndavuga, kujya kure y'Imana. Kandi kubwo gukora iyo, habaye intege nke ku gicaniro. Kubera ko iyo igicaniro kijya kuguma ku murongo, kandi hamwe n'Ijambo ry'Imana, Imana yajyaga kuba Iri muri buri torero nkuko Irimo kugenda hagati muri twe hano. Ariko bagiye kure yaryo. Kandi icyo kintu nshaka kuvugaho muri iki gitondo. Kandi noneho, tubona ko ibyo ari ukuri kuzuye muri buri gisekuru.

14 Nibwira ko ari Amosi, nkuko namuvuzeho mu kanya kashize, uwo wavuze ko atari umuhanuzi, ko atari n'umwana w'umuhanuzi. Ariko akavuga ati, none igihe intare intontomye, ninde utagira ubwoba?

Kandi niba hari uwigeze yumva intare nyakuri intontoma mu ishyamba, izi mu bona hano hose mu biraro zo zivuga nk'amapusi. Ariko iyo imwe itontomye mw'ishyamba, buri kintu cyose gihita cyitonda. Nabaye mu bihuru kugira ngo nyihige. Kandi ni umwami w'inyamaswa, ndetse, igihe iyo ntare intontomye, habe n'utwo dusimba duto tuguruka turekeraho gusakuza; buri kintu kikarekeraho. Imbwa z'ishyamba... n'urusaku rw'impyisi, n'izindi nyamaswa, uko kurira kw'inkende n'inguge, utwo dusimba duto tuguruka, zakumva ibitekerezo byazo bwite bizigoye; ariko niyo intare yatontomera kure, kandi buri gasimba kose karekeraho gusakuza. Murabona, buri kintu cyose kiba kiyifitiye ubwoba. Nyamara, hari ibintu byinshi bishobora kuyica ariko izwi nk'umwami hagati muzindi nyamaswa.

Yaravuze ati, "Igihe intare intontomye, ninde utatinya?" Aravuga ati, "Noneho Imana yavuze, ninde utahanura? "

Kandi ibyo, ndatekereza ko, imimerere ihuye n'uko gukabirizwa nanone uyu munsi. Imana yaravuze. Murabona? Kandi tubona ikiganza cyandika ku gikuta, uko niko byoroshye guhanura maze ukabona ko turi ku iherezo ry'igihe.

15 Kandi turimo kubona Imana, kuva kuri buri gace ka buri dini, ahantu hose kuva mu Bugaturika, ukanyura mu matorero yose y'Abaporoso, Buddha n'ibindi byose, ukava mu Buhinde, n'ibindi byose. Irimo guhamagara abantu bayo ngo bajye hamwe, Irimo irabashyira hamwe. Kandi njye... Ndanezerewe cyane kubwo kubona umunsi uje. Noneho, twe... Ni umunsi ukomeye, amwe mu mahirwe akomeye cyane.

Ibyo niba mbigomba, iyo njya… iyo tujya kuba twarabimenye mbere y'uko habaho isi, igihe twari ubugingo turi igice cy'Imana, icyo turi cyo, kubera ko twari kumwe na Yo mbere y'imfatiro z'isi. Kubera ko hariho ishusho imwe y'Ubugingo Buhoraho, kandi iyo ni Imana. Naho twe turi igice Cyayo. Ntabwo twari tuzi bihagije icyo twaricyo... kandi ngo dushobore gutekereza, kandi twari dufite ubuzima; ariko twari mu bitekerezo Byayo ku cyo twari cyo, mbere y'imfatiro z'isi. Kubera ko turi igice Cyayo, kimwe n'umuhungu wanjye ni igice cyanjye, kandi na njye ndi igice cya data, n'abandi gukomeza. Turi abahungu n'abakobwa b'Imana, kubwo kumenya mbere Kwayo.

Kandi ugarutse inyuma hariya, iyo njya kuba nari mbizi nkuko mbizi ubu, aho najyaga kureba mu bice byose by'igihe, kandi iyo Ijya kumbwira iti, "Ni ikihe gihe ushaka kubamo?" Najyaga kuvuga iki gihe nyine ubu, iki kibanziriza… Iherezo ry'amateka y'isi, no kuza k'Ubwami bw'Imana kugira ngo butangire hano ku isi. Ndatekereza ko igihe cy'igiciro mu bisekuru byose ari iki kiriho ubu...

16 Tubona ko hano Isiraheri yarimo ishinjwa n'umuhanuzi, igihe Imana yari yaramusize amavuta maze ikamwohereza. Bashinjwaga ibyaha binini bibiri. Kandi turashaka kuvuga kuri ibyo bintu bibiri bari barakoze. Kandi kuva kuri ibyo, turashaka gukomereza kuri ibyo. Noneho, bari barataye Imana, Isoko y'amazi mazima, bikorogoshoreye ibitega ubwabo. Bava ku bintu Imana yabahaye, maze bikorogoshorera ubwabo ikintu bo bikoreye.

17 Kandi ibi bitega, mwitegereze, byari... Byari bitobotse kandi biva.

Noneho, igitega gitobotse ntigishobora gufata amazi. Azatemba. Nakuriye mu cyaro, kandi nzi icyo igitega gitobotse icyo ari cyo, kandi izo nizo ngorane dufite.

Kandi iki gitega gitobotse ni… Ni ishusho nziza, ndatekereza, kuri uyu munsi, kandi igihe twe… buri kintu cyose twagerageje gukora, kugira ngo dushyire abantu hamwe, dushyire ubwoko hamwe, dushyire amatorero hamwe, byagiye igihe cyose bituruka mu mbaraga zo kugerageza ibintu by'ubwenge. Twagerageje gutuma Abametodiste bose bahinduka Ababaptista, n'abandi n'uko, kandi amadini atandukanye. Kandi iyo ntabwo yariyo gahunda y'Imana kuva na mbere.

18 Imana ifite ahantu hamwe gusa ho guhurira na Yo. Yavuze aha mu Gitabo cyo Kuva, uko, "Nahisemo ahantu ho gushyira Izina Ryanjye, kandi aho niho hantu honyine nzahurira n'abantu." Kandi Yahisemo ahantu ho gushyira Izina Ryayo. Kandi aho Yashyize Izina Ryayo, niho Yahuriraga na Isiraheli. Ifite ahantu Yahuriye n'itorero Ryayo uyu munsi, kandi Yahisemo iryo Zina, kandi iryo Zina ni Yesu Kristo. Kandi aho niho Ihurira n'umwizera w'ukuri, igihe ari muri Yesu Kristo. Aho niho Imana yahisemo gushyira Izina Ryayo.

Wavuga uti, "Izina ry'Imana?"

Yaravuze iti, "Naje mu Izina rya Data." Aho niho Imana yashyize Izina hari muri Kristo. Kandi muri Kristo niho dushobora guhurira munsi y'Amaraso yamenwe, kandi aho niho hari ubusabane nyabwo bw'ukuri.

19 Imana yaremye gahunda Yayo mu itangiriro mu ngobyi ya Edeni, aho hantu Yajyaga guhurira n'umuntu, kandi ibyo ntabwo byari bishingiye ku gusobanukirwa ko mu bwenge; iyo bibabyo, Eva yari

kuba ari mu murongo neza neza hamwe na gahunda Yayo. Ariko tuziko we yemeye imyumvire y'ubwenge bwa Satani ivuga iti, "Nyakuri, Imana ntizigera," Ariko Imana Yari Yaravuze ko Izabikora... Kandi uko niko noneho Yahisemo ahantu ho gucungurirwa, kandi byari binyuze mu Maraso, kandi ntabwo byari binyuze mu myumvire y'ubwenge.

Uko niko turimo kurwana n'umuyaga, ariko iyo ni imyumvire isanzwe… Abo bantu bagerageza gukora ibyo. Iyo tuba dufite igihe, twashoboraga kubigabanyamo ibice byinshi, ariko ntabwo nkeneye cya gipesu. Uko niko turibugerageza kubigira bito mu buryo bworoheje, "Ibitega bitobotse." Kandi tubonako byongeye kubaho neza neza; ni ishusho neza neza y'iki gisekuru turi kubamo, y'ibi byose tugerageza.

Kandi ntirengagije buri mbaraga zose izo mugaragu w'Imana wese, izo akoresha avuga Izina rya Yesu Kristo. Akwiriye kubahwa kubwo kuba avuga Izina Rye mu kubaha no gutinya. Kandi imikorere y'ibwirizabutumwa ikwiriye mu isi, n'ibindi, muri iyi minsi yanyuma, ndibwira ko, nabwo tutazabasha kugeza aho dushyira abantu hamwe n'umutima umwe kugeza ubwo tuzabazana munsi y'Amaraso ya Yesu Kristo. Aho... Aho niho hantu dushobora kuba dutekanye.

20 Umuntu yarampamagaye ntabwo hashize igihe, aturutse iyo ruguru mu burasirazuba, maze aravuga ati,"Mwene Data Branham, numvishe ko wimutse wavuye muri Arizona, kandi wakoze ahantu… ahantu hari umutekano." Kandi muzi uburyo Ubutumwa bwajemo, kandi Umwami yarambwiye icyagombaga kuba muri Alaska, ndetse n'uburyo aho hepfo muri California byagombaga kugenda, kandi byagenze muri ubwo buryo. Baravuga bati, "Noneho, niba uko ari ko kunyeganyega, n'ibindi, nihe hari ahantu h'umutekano?"

Ndavuga nti, "Hari ahantu hamwe hatekanye nzi. Aho ni muri Kristo. Kubw'abo bari muri Kristo, baza..." Aho niho honyine nzi.

21 Noneho, Yeremiya nawe yiswe, "Umuhanuzi w'amaganya" Kandi kubera ko nizera ko, icyateye uyu muhanuzi kuganya… kuganya, byari ukubera ko we yari umuhanuzi (kandi Ijambo ry'Umwami riza ku meze atyo) kandi kubwo kubona abantu bagenda muri mwene iyo migenzo, kandi bagatekereza ko nta kibazo bafite, ndetse hakaba nta n'umwe wo kubahindukiza.

Kuko bari berekeje neza mu buhunzi, kubera ko dusarura icyo twabibye, tutitaye kuwo uriwe, n'icyo uricyo. Kandi twe nk'igihugu twasaruye… cyangwa twarabibye, kandi tugomba kuzasarura. Nzabivugaho ejo, niba Umwami abikunze, nimugoroba, ku "Ibise byo Kuramukwa"; kandi Njye... kandi ndabikoraho hano, ntacyo twabona kivuye ku busa. Tugomba gusarura icyo twabibye.

Kandi niba Imana yatwemerera gusohoka muri uku kwangirika k'Ubukristo muri iki gihe, no kwangirika mu bantu muri ibi bintu by'abiyita Abakristo, nkuko Mwene Data Moore yigeze abivuga rimwe ati, "Mu buryo bw'ikinyabupfura Yaba ihatiwe kuzura ab'i Sodomu n'Igomora maze ikabasaba imbabazi zo kuba yarahatwitse." Uko ni ukuri, kubera ko Imana irakiranuka n'ubu. Kandi aho gukiranirwa kuri; binyuze... Inyura mu kwera Kwayo n'Ijambo Ryayo Igatuma abantu gusarura icyo babibye, kandi iyo nibyo dukwiriye gukora.

22 Noneho, mwitegereze baramuretse, Soko y'amazi y'ubugingo, maze bikorogoshorera ubwabo ibitega.

Noneho, Ahari hashobora kuba hariho abantu hano badashobora gusobanukirwa icyo ibitega aricyo. Igitega ni ikigega cyakozwe n'umuntu cyo bashyira mu mwanya w'iriba. Ni ikintu umuntu acukura. Noneho ni bangahe bazi icyo igiteka ari cyo? Byiza. Niko biri, hari abantu benshi bo mu cyaro muri iki gitondo. Uko niko bo... Ndibuka ibyo bitega bya kera aho hantu, uburyo byasaga, kandi igihe cyose nahoraga mfite ubwoba bwo kunywa amazi yo kuri byo. Byabaga ari ibigega byahimbwe n'abantu. Kandi ntiwashoboraga kubyishingikirizaho. Ntabwo wakwishingikiriza ku gitega.

23 Noneho, ikintu cyose umuntu yakoze igihe cyose kiba atari kiza cyane. Ariko kimwe n'uburyo… Umwami yashyizeho igihe mu ruziga rwayo, kandi isi irazenguruka; buri mwaka, buri gihe iyo itambutse, buri munsi, buri saha, n' isaha, kandi izuba rirenze, ndetse ntabwo bijya binanirwa. Ariko isaha nziza ishoboka dushobora kugira, igenda itakaza iminota myinshi mu gihe cy'ukwezi, nta gushidikanya. Ariko, murabona, ikintu cyose Imana ikora kiba gitunganye, kandi icyo umuntu akora cyo kiba kidatunganye. None kubera ki wemera icyo umuntu yakoze, mu gihe ushobora kubona igitunganye?

24 Igihe cyose nagiye mbivuga kubyerekeranye n'Abapantekote. Murabona, turabizi, kandi ntabwo twe… ntabwo turi hanze y'umurongo, w'Imana, ntabwo ari uko tubitekereza; ariko tuziko hagati muri twe harimo abantu bagerageza kwigana abandi bantu. Ibyo ni ibintu bisanzwe. Bazakomeza kugerageza kubikora. Barabikoze mu gihe cya Bibiliya; umwe ati, "Ndi Pawulo," n'undi ati, "Ndi Silas," n'abandi. Ariko bo... bagerageza kwigana icyo undi muntu wundi yakoze cyangwa arimo gukora.

Ariko kubera iki mwakwemera ibintu by'urwiganwa, mu gihe ijuru ryuzuye ibintu by'umwimerere. Mu gihe isezerano ari iryanyu n'abana banyu, kubera iki twakwemera ikintu kinyuranye nabyo? Kubera iki twafata umugenzo cyangwa umuhango, mu gihe Bibiliya ari Ijambo ry'Imana ritavangiye? Kubera iki wagerageza kugira icyo wongeraho cyangwa ukuraho, mu gihe Umwami Yesu yavuze mu Byahishuwe 22:18, "Uwari wese uzakuraho Ijambo rimwe kuri Ryo, cyangwa akongeraho ijambo kuri Ryo, umugabane

uzakurwa ku Gitabo cy'Ubugingo"?

25 Igihe Imana yashyize bwa mbere ikiremwamuntu mu isi, Yababwiye kubeshwaho n'Ijambo. Noneho, Ijambo ry'Imana rimeze nk'umugozi w'umurunga ugizwe n'amapfundo, uwo ugenderaho urimo kwambuka ukuzimu uwukoresheje; kandi uyu mugozi uba ukomeye bingana n'ipfundo ryawo ryoroheje cyane muyandi, noneho Imana ishaka ko tugumana na buri Jambo Ryayo. Noneho, abo nibo bari aba mbere muri Bibiliya; bisheho Ijambo rimwe, bahita bakurira ikiremwamuntu cyose mu mwijima w'urupfu.

Yesu yaje hagati muri Bibiliya, maze Aravuga ati, "Umuntu ntazabeshwaho n'umugati gusa, ahubwo na buri Jambo." Ntabwo ari igice cy'Amagambo, cyangwa mirongwicenda n'icyenda ku ijana; ahubwo ni buri Jambo, nkuko Eva na Adamu bari bameze.

Kandi ku iherezo rya Bibiliya, Ibyahishuwe 22:18, Havuga ko, "Uwo ari wese uzakura Ijambo muri Iki, cyangwa akongera Ijambo rimwe kuri Cyo..." None se ni kuki dukeneye kongeramo ibitekerezo by'umuntu ku kintu runaka, mu gihe iki ari igitekerezo cy'Imana ubwayo kuri icyo kintu? Turashaka gufata icyo Yavuze. Kandi biranditswe iti, "Reka buri jambo ryose ry'umuntu rifatwe ko ari ikinyoma, maze Iryanjye ribe Ukuri."

26 Icyo nicyo cyari ikibazo kuri uyu muhanuzi. Mu minsi ya Yeremiya, yari umuhanuzi, yari afite Ijambo ry'Umwami. Kandi uyu muntu yarimo agerageza kugira icyo yongeramo.

Kandi ntabwo ushobora kwishingikiriza ku kintu nk'icyo. Noneho ndimo ndagereranya ibi bigega n'iyi mikorere turimo kugerageza gufata, tukabishyira mu mwanya w'Ijambo ry'Imana ry'umwimerere.

Kuko nta kintu gishobora gufata umwanya Waryo. Ni Imana. "Mbere na mbere hariho Ijambo, kandi Ijambo ryari kumwe n'Imana, kandi Ijambo ryari Imana. Nuko Ijambo ryahindutse umubiri maze ritura hagati muri twe." Kandi mu Baheburayo 13:8 haravuga ngo Ari uko Yari ejo hashize, uyu munsi, n'iteka. Ni gute dushobora kunyura iruhande iri Jambo? Bigomba kuba ari Ukuri. Aguma ameze uko yari Ari. Ni Umwe kuri buri hame.

Iyo niyo mpamvu muryishimira, mwe Babaptista n'Abametodiste, n'Abagaturika n'Abapresbyteriani, n'abandi, mwishimire uko Kugaragara. Ahantu runaka muri mwe, mwemeye Imana. Ahari rimwe na rimwe mu buryo bw'ubwenge, ahari ushobora kuba warumvishe imbaraga z'Imana, kandi uri umukozi w'Imana; ariko igihe ushobora kuza nyakuri mu Mana, maze ukabasha kumenya umwanya wawe muri Yo nk'umuhungu n'umukobwa w'Imana, icyo nicyo kizana uko kunezerwa kuri wowe, iyo ni Imana yaguteganyirije kubigira.

27 Noneho, tubona muri Mariko ibice 16, Yesu ntabwo yigeze avuga ati, "Mugende mu mahanga yose, maze… maze… maze mwigishe." Yaravugaga ati, "Mugende mubwirize Ubutumwa Bwiza."'Kubwiriza Ubutumwa Bwiza' ni ukugaragaza imbaraga z'Umwuka Wera. "Mugende mu isi yose, maze mugaragaze imbaraga z'Umwuka Wera."

Ndimo kuvugana na mwene Data, umwe mu baterankunga mu biterane byo mu Buhinde, muri Bombay aho, no kumanuka muri Afurika y'Epfo no mu bice bitandukanye, aho abamisiyoneri babyigishije nkaho ari amagambo cyangwa imyumvire y'ubwenge. Ariko umunsi umwe ndi mu materaniro, igihe Umwuka Wera wamanutse Ubwawo maze ukiza abenegihugu bifubitse ibiringiti ibihumbi mirongwitatu mu guhamagara abantu ku gicaniro ngo bihane inshuro imwe, kandi aho nyine muri icyo kibuga aho bari bahagaze. Abagore bari bahagaze aho, bari bambaye ubusa buriburi hafi yo kuba nkuko baje mu isi, maze kuri uwo mwanya nyirizina ubwo bazamuraga ibiganza byabo ngo bakire Kristo...

Maze Umwuka Wera amanukira aho hantu maze akiza indwara abasaga ibihumbi makumyabiri na bitanu icyarimwe, bava mu tugare, mu ngombyi n'udutanda tw'abarwayi. Mayor w'umugi arasanga, umunsi ukurikiyeho, abonye ayo mamodoka arimo amanuka aho mu mihanda.

28 Abo bagore bari bahagaze aho bambaye ubusa, ntabwo bari baziko bambaye ubusa, ariko ako kanya igihe Umwuka Wera abakozeho, bahita bipfumbata amaboko bava aho imbere y'abagabo.

Kandi nibaza ukuntu hano muri Amerika twiyita ubwacu igihugu cya Gikristo, ndetse tukaba Imbere y'Imana; kandi buri mwaka twe, abagore bacu, barushaho kwambara ubusa. Kandi mwagakwiye kuba murushaho kwambara. Kandi mukarushaho kwambara Kristo, uko murushaho kujya kure y'imimerere yanyu bwite. Rimwe na rimwe ndeba uko abantu bakora ku muhanda, nkibaza niba mu byukuri ari bazima mu mitekerereze yabo. Bisa nkaho batabasha kubona ko iyo bakoze ibyo, icyo babarimo gukora ari ukwihindura ubwabo umutego wa satani, maze bakohereza ubugingo ikuzimu. Uko ni ukuri. Ariko isi iri mu kwangirika nkuko byari bimeze mu minsi ya Yeremiya.

29 Noneho, tugarutse ku bitega. Noneho, ibi bitega ntabwo ushobora kubyishingikirizaho kuko ntabwo bishobora kwiyuzuza ubwabyo. Kandi bigomba kwishingikiriza ku mvura isanzwe kugira ngo bibashe kuzura, imvura isanzwe cyangwa ububyutse busanzwe kugira ngo bibashe kubona ububyutse buke hano n'ubundi bubyutse buke hariya, cyangwa n'ibindi kugira bibashe kuzura. Uko niko atari ibyo

kwishingikirizaho. Ntabwo byakwiyuzuza ubwabyo. Ntabwo byihagije ubwabyo. Ntabwo bishobora kubikora. Kandi bigomba gutegereza imvura kugira hagire ikijyamo.

Noneho reka turebe aho bikura imvura, ni he bikura amazi, ibitega. Aturuka hejuru y'ibigega by'imyaka, n'amagaraje, aho iyo myanda yose aho umukungugu uba watumukiye, maze bigatwarwa n'imvura, nuko bikamanukira aho mu gitega, ikigega cy'amazi cyakozwe n'umuntu. Kigera aho gihinduka nk'umusarane [cesspool]. Kandi ayo yoza aho hejuru y'ibigega by'imyaka aho amatungo yose, kubw'umunuko uri aho mu kiraro, n'ibindi, maze bikamanukiramo aho. Maze umuyaga urahuha aho mu mukungugu n'ibindi bintu biri mu kiraro, nyuma iyo mvura isanzwe yagwa ikamanuka nuko ikabyoza, bikamanukiramo aho. Maze hanyuma amazi bayakuzamo ikivomesho cyakozwe n'umuntu bakayavomera mu kigega cy'amazi cyakozwe n'umuntu. Nuko hanyuma igihe ageze aho, biba ari imyanda, aba yanduye cyane kuburyo bisaba gukoresha akayunguruzo kariho imyenda ishaje, atari ibyo ntushobora kuyanywa.

Noneho, murabona, aba yogeje ku bisenge binyuze mu bivomesho umuntu yakoze, bakayavoma mu buryo umuntu yakoze, bakayashyira mu kigega cy'amazi cyakozwe n'umuntu. Nuko hanyuma bakoresheje akayunguruzo umuntu yakoze bakagashyira hejuru kugira ngo barebe ko ahari utwo dusimba n'ibindi bitajyamo.

30 Noneho, ubu, tubona ko, muri iyi minsi mike nyuma y'uko amazi ashyizwe aho muri aya madini yakozwe n'abantu, cyangwa ibigega. Mumbabarire. Mumbabarire. Niko biri. Nyuma y'uko… Nyuma y'uko bamaze kuyozamo ibi bintu by'ubwo bwose bwa tewolojiya n'ibindi bintu byogejwe muriyo; noneho nyuma tuza kubona ko, igihe amaze iminsi mike aho, atangira kunuka.

Kandi uwo ari wese uzi amateka y'itorero, igihe Imana yohereje ikintu, ubutumwa, maze bukaza bukiri bubisi buvuye ku Mana. Hanyuma nyuma… Ubuzima bw'uwo wabihimbye, cyangwa icyo byaba biricyo cyose; mukamwita umugorozi, cyangwa ikindi cyose mushatse kuba mwamuvugaho. Nyuma y'urupfu rwe, nyuma bagashyiraho imikorere ikorera muri byo nuko bakagakora ishyirahamwe. Kandi ako kanya bakimara gukora ishyirahamwe, bigahita bipfira aho. Ntabwo bizigera byongera guhaguruka. Uko niko bigenda buri gihe, kuva na mbere.

31 Mu kubaha uyu mupadiri w'Umugaturika wicaye hano; igihe Imana yashyize hamwe itorero… cyangwa, atari ukurishyira hamwe, Imana ntabwo yigeze Ishyira hamwe itorero. Ntabwo iba mu mikorere nk'iyo. Yo iba mu kubyara, atari ukwishyira hamwe, uko niko igihe Imana yatangiraga itorero aho ku munsi wa Pantekote. Maze hanyuma amaherezo bigeze i Nikeya, Roma, ibishyira hamwe, kandi aho niho ryatakarije imbaraga zaryo.

Nyuma tuza kugera ku bugorozi bwa Luteri, kandi cyari ikintu gikomeye. Ijambo ry'Imana riratangwa, "Umukiranutsi azabeshwaho no kwizera." Kandi igihe babikoze, aho kugira ngo babifatire hamwe byose, bose hamwe maze bakomeze bagende, bakozemo itorero ry'Abaluteriyani, bitandukanya n'iri tsinda, maze aho rihita ripfa.

32 Hanyuma Imana ihagurutsa John Wesley afite kwezwa, ubutumwa bw'umurimo wakabiri w'ubuntu, kandi cyari ikintu gitangaje. Ariko nyuma Wesley na Asbury, bishyira hamwe; bahita bapfa.

Hanyuma haza Abapantekote hamwe no kugarurwa kw'impano. Barimo bakora neza; ni iki cyabaye? Bishyize hamwe, maze bahita bapfa. Neza neza.

Noneho, hagati muri ibi byose, Imana irimo guhamagara abasigaye gusohoka muri buri kimwe muri ibyo bisekuru. Irabikora nyakuri. Kandi ni umwanya wacu wo gusohoka, kugira ngo tujye hamwe. Kndi icyo nicyo ntekereza ko Full Gospel Business Men bagize uruhare rukomeye mu gusenya ibi bikuta, maze baravuga bati, "Nta tandukaniro riri hagati muri twe. Reka tujye hamwe maze duhimbaze Imana munsi y'ihame rimwe, atari munsi y'idini." Iyo biba idini, nari guhita mva kuri iki gicaniro ubu. Ntacyo mfite gukorana naryo.

33 Ni iki biricyo, hagomba kuba ubusabane, kandi atari ugusabana n'imwe mu migenzo. Ahubwo gusabana na Kristo binyuze mu mbaraga… Z'umuzuko We, icyo nicyo kintu kizana Ubuzima. Kikazana kuvuka.

Kandi mbere y'uko kuvuka bishobora kuza, tubona ko hagomba kuba urupfu mbere yo kuvuka. Kandi kuvuka ni umwanda; ntabwo nitaye kubwoko bwo kuvuka biribyo. Niyo byaba mu kiraro cy'ingurube, cyangwa… cyangwa aho byaba biri hose, aba ari umwanda. Kandi uko niko bimeze ku kuvuka bundi bushya, bigutera gukora ibintu mu busanzwe utashobora gutekereza ko wari ukwiriye gukora. Ariko igihe witeguye gupfa kubwawe, noneho aho uvuka bundi bushya, ikiremwa gishya muri Kristo Yesu, hanyuma ibintu bigafunguka maze ubuzima bukagira ishusho nshya kuri wowe, kubera ko wemeye Ubumuntu bwa Yesu Kristo, kandi atari amagambo runaka cyangwa imigenzo runaka.

Ndetse habe no kuri iri Jambo ryanditse, rigomba guhabwa ubuzima n'Umwuka Wera. Ntitaye kubwinshi bwa tewolojiya mufite, riba riraho ripfuye. Nshobora kuba mfite ingano nke zituzuye n'ikiganza; kugeza igihe zizanyura mu nzira y'aho zishobora gusubirana ubuzima, izo ngo ntizizigera zibaho. Kandi

ushobora kugira impamyabumenyi y'ikirenga, Ph., LL., ikindi cyose washaka; ariko kugeza igihe Umwuka Wera azazira kuri zo maze Ukazihesha ubuzima kuri wowe, nk'imyitozo yawe ku giti cyawe hamwe n'Imana, noneho ingano nta kiza zakora. Amashuri yawe aba ari ubusa.

34 Nkuko uyu Mwongereza yavuze muri rya joro hano, naratunguwe cyane kuri ibyo. Ibyo yize byose, nkuko Pawulo, yagombye kwibagirwa ibyo yari azi byose mu rwego rwo kugira ngo abone Kristo, akora ibintu byose yatekerezaga ko atakora.

Ariko ubwo nibwo buryo Imana ikora; Iducisha bugufi muri iyo mikorere y'amashuri yacu. Atari uko ndimo ngerageza gushyigikira ubujiji, ahubwo ndimo ndagerageza kubabwira itandukaniro. Amashuri ntabwo ashobora kuzana Ubuzima. Bisaba Umwuka w'Imana kugira ngo uzane Ubuzima, kandi ubwo Buzima ntibushobora guturuka mu bubyutse bw'ubwenge. Bugomba guturuka muri Bibiliya, Ijambo ububyutse, kandi iryo Jambo riri uko Ryari ejo hashize, uyu munsi, n'iteka. Kandi igihe rimanutse uyu munsi, maze rigatanga ubuzima, ubona ingaruka zimwe n'izo babonye mu Byakozwe n'Intumwa 2. Neza neza. Igihe cyose niko bigenda, kandi niko igihe cyose bizagenda, kubera ko ni Umwuka w'Imana ari uha imimerere ikirere.

35 Bisaba ikirere kugira ngo ukore ikintu. Iyo niyo mpamvu mwebwe bantu muhora mwigishwa igihe cyose, "Kuzana abana banyu hano." Rero, nyakuri ibyo ni ukuri. Nanezerewe kubona umukobwa wanjye Rebeka yinjira hano maze akicara mu minota mike yashize. Bamwe muri mwe mujya mumbona nterera akajisho ku mugore; ni umukobwa wanjye; yaje arinjira maze aricara. Ndashaka ko yakira umubatizo w'Umwuka, kandi iyo niyo mpamvu ari hano muri aya materaniro. Iyo niyo mpamvu yabyo. Bisaba ikirere.

Nkuko uwo musaza w'umudogiteri Bosworth yakundaga kubivuga ati, "Ushobora gufata igi ry'inkoko ukarishyira munsi y'akabwa gato, rizaturaga umushwi." Kubera iki? Kubera ko ni igi kandi riri mu kirere gikwiriye. Ntabwo nitaye kumenya niba uri Umumetodiste, Umubaptista, Umupresbyteriani; mu kirere gikwiriye rizaturaga rivemo umwana uvutse bundi bushya w'Imana. Ikirere, nicyo kibikora, ntitaye ku ikarita y'idini ufite iyo ariyo yose.

36 Najyaga ndagira umukumbi. Nabonye uwo urinda ishyamba igihe twabaga tuzizamuye aho mu ishyamba, aho… kure y'aho zirisha mu rwuri, maze tukazishyira mu ishyamba. Yahagararaga aho akazitegereza zirimo zigenda zegera uruzitiro. Ntabwo yari yitaye cyane ku byapa, kubera ko hari ubwoko bwose bw'ibyapa bwinjiyemo aho. Ariko hari ikintu kimwe yarebaga, ubwoko bw'amaraso. Yagombaga kuba zagombaga kuba zifite ubwoko bw'amaraso ya Hereford bitaba ibyo ntiyinjire mu ishyamba, kubera ko ryari ishyirahamwe rya Hereford ariryo ryaragiraga muri iryo shyamba. Yagombaga kuba ifite ubwoko bw'amaraso kugira ngo zikomeze kororoka muri uwo murongo.

Kandi ndatekereza ku buryo bizaba bimeze ku munsi w'urubanza. Ntabwo Izambaza niba nari Umumetodisti, Umubaptista, Umupantekote, cyangwa Umupresbyteriani, ariko Izareba ubwoko bw'Amaraso. "Igihe nzabona Amaraso, Nzabanyuraho." Icyo nicyo kintu.

37 noneho tubona ko ibi bitega, nyuma y'akanya gato bishyizwe aho, bihinduka… Bihinduka ikiziba kandi bikaba atari byiza. Maze bigahinduka nyuma, bikaza no kuba ahantu hataha ibikeri, n'ibyugu, n'inzoka, n'udusimba, na za microbes, n'ibindi byose bibonetse, kubera ko ari icyo kiziba kibiteye kuzamo. Ese washobora kubitekerezaho, amazi yaturutse ku gisenge cyo hejuru y'ikiraro, cyangwa aturutse ku nzu iri hafi y'ikiraro, cyangwa ahandi aho ariho ho se hashobora kuba umwanda, mbega ubwoko bw'udusimba na microbe, n'ibindi ibyo biba byatwawe aho muri iki gitega?

38 Noneho, ni urugero rutunganye rw' ubwoko bwose bw'imikorere iyo ariyo yose ikozwe n'umuntu. Iba ipfuye guhera igitangira. Iyo niyo mpamvu dukeneye Umukiza. Ntabwo umuntu yakwikiza ubwe; nta kintu yashobora kubikoraho. Yarazimiye kuva na mbere. Yavukiye mu isi yuzuye ibyaha; aza mu isi avuga ibinyoma. Yari umubeshyi kuva na mbere, noneho ni gute mu isi yagira icyo yimarira ubwe?

Ni gute umuntu yaba uwera… Nta muntu wera ubaho. Nta torero ryera ribaho. Ni Umwuka Wera, nta torero ryera, nta bwoko bwera, ni Umwuka Wera hagati mu bwoko; uko niko biri kuri njye. Ntabwo ari umusozi wera aho Patero n'abandi bari bahagaze; umusozi ntabwo weraga. Ariko Imana yera yari aho ku musozi niyo yamugize uwera. Ntabwo ari umuntu wera; ni Umwuka Wera wakoreye muri uwo muntu, icyo nicyo cyamugiraga uwera, atari umuntu, ahubwo kubaho k'Umwuka Wera. Ntabwo ari umuntu; kubera ko ni umuntu, wavukiye mu cyaha, asamirwa mu gukiranirwa, aza mu isi avuga ibinyoma.

39 Imikorere iyo ariyo yose izakomeza kumurindira muri ibyo; azakomeza guhumwa n'ubwenge, amaso y'ubwenge, ibyo batekereza bati, "Ndi uwo muri iri torero; izina ryanjye riri mu gitabo. Nakoze ibi. Data yari ibi na biriya." Ibyo bisa n'ibyumvikana neza; niko biri, ntacyo nabivugaho. Ariko nubwo nabwo, nshuti, Yesu yaravuze ati, "Keretse umuntu avutse bwa kabiri, ntabwo yashobora kubona." "Kubona" aha ntabwo bivuga kubona ukoresheje amaso yawe, ahubwo "gusobanukirwa Ubwami bw'ijuru." Kugeza ubwo ubuvutsemo...

Ni gute byashoboka ko uyu mubwirizabutumwa w'Umubatista, ni gute uyu muntu yahagarara aho

maze akabinegura? Murabona, nta kintu kiri muri we gishobora kubyakira; ariko Imana igomba kubikora. Murabona? Imana yamuhaye Umwuka Wera. Agaragaza ko ibi atari uburyarya; iri ni Ijambo. Yaryumvishe biturutse ku bitekerezo byo ku ishuri, kandi bagerageza gutwara iyo... migisha y'Imana yosemaze bakayitwerera iminsi yahise.

40 Umubwiriza muto w'Umubatista, ari hano ntabwo hashize igihe, yicaye hano muri iki gitondo; yaje kundeba, maze aravuga ati, "Mwene Data Branham, hari ikintu kimwe ukora kitaricyo."

Ndavuga nti, "Noneho mfasha"

Maze aravuga ati, "Wowe… Ndatekereza ko uri umuntu w'umunyakuri kandi umuntu mwiza, ariko..."

Ndavuga nti, "Urakoze, mugabo."

Aravuga ati, "Ariko hari ikintu kimwe ukora mu buryo butaribwo."

Ndavuga nti, "Nibwira ko Umwami abona icyo kintu kimwe kitagenda."

Maze aravuga ati, "Rero, hari… Iki nicyo ukora kitaricyo." Ati, "Urimo kugerageza kuzana mu isi umurimo w'intumwa"; maze aravuga ati, "umurimo w'intumwa warangiranye n'intumwa."

Ndavuga nti, "Nk'Umubaptista uvugana n'undi Mubaptista, ndifuza kukubaza ikibazo."

Ati, "Iki?"

Ndavuga nti, "Ese wizera ko Ijambo ry'Imana rihumekeye, buri gace gato ko muri Ryo?"

Aravuga ati, "Nibyo, nyakuri."

Ndavuga nti, "Noneho, Iravuga iti, 'Ntukigere ugira ijambo wongeramo cyangwa ngo ugire iryo ukuramo.'" Ndavuga nti noneho, "Ndakweraka aho imigisha y'intumwa yamanutse ku bantu binyuze mu isezerano ry'Imana, noneho na we unyereke aho isezerano ry'Imana n'igihe ryaviriye ku bantu. Murabona, niba udashobora kubana ibyo mu Ijambo, noneho... noneho byibagirwe" Murabona? Ndavuga nti, "kubera ko riracyakomeza."

41 Amara akanya atagize icyo avuga. Maze aho ndavuga nti, "Rero, ubu, mwene Data, ndashaka kukubaza ibi. Petero yatanze ubutumwa bw'intumwa ku munsi wa Pantekote. Kandi twese tuziko ari ukuri, kubera ko yari afite urufunguzo rw'Ubwami, urwo Yesu yari yaramuhaye. Kandi noneho itegereze icyo yavuze. Aravuga ati, 'Mwihane, buri wese muri mwe, maze abatizwe mu Izina rya Yesu Kristo kubwo kubabarirwa ibyaha, noneho muzakira iyi mpano y'Umwuka Wera. Kubera ko isezerano ari iryanyu, n'abana banyu, ndetse n'abari kure bose, n'abandi bose Umwami Imana yacu izahamagara.' Noneho niba hari ahantu yaba yarigeze ibikuraho, ubwo byaba bimeze bite ku magambo ya petero ku munsi wa Pantekote?" Murabona? Oya, ntabwo byigeze birekeraho.

Mukundwa Mwana w'Intama wapfuye, Amaraso Yawe y'igiciro

Ntabwo azigera atakaza imbaraga,

Kugeza ubwo Iterero ry'Imana ryose rizacungurwa

Bagakizwa, aho batongera gukora icyaha ukundi

Noneho mu ndirimbo y'icyubahiro, nziza,

Nzaririmba imbaraga Zawe zankijije,

Igihe uku kuvuga uburimi, n'ururimi rudedembanga

Igihe ruzaba ruryamye aho mu mva rucecetse

Mana mfasha kwizera ibyo kandi mbikomeze, ndetse natwe twese, kandi tubigumeho, kubera ko ni ukuri k'Ubutumwa Bwiza. Yego, mugabo.

42 Umuntu w'umunyabwenge ntabwo yakwigera areba ibi bintu ngo abone ko bitakora. Ntabwo byigeze bibaho. Iyobokamana ryishyize hamwe ndetse imyitozo yo kwishyira hamwe ntabwo izigera ikora Imbere y'Imana. Bigomba kuza bitavangiye bivuye ku Mana. Ntabwo byigeze bikoreshwa n'Imana, nta hantu mu gihe cyahise Imana yigeze ikoresha iyo mikorere. Noneho, mwebwe, oh, mushaka abanyamuryango n'ibintu nk'ibyo. Ariko ndavuga imbuto y'umwimerere y'Imana, imigisha nk'iyo yamanutse ku munsi wa Pantekote, ntabwo yigeze iza iturutse mu ishyirahamwe; yaje ivuye mu kuvuka, kubwo kuvuka bundi bushya.

43 Twatumiwe kuza gufata Isiraheri ho… ho urugero, icyo baricyo. Mwitegereze, barayiretse, iyo soko yabo ihamirijwe, maze bikorogoshorera ubwabo ibitega. Ese mwashobora gutekereza kuri icyo kintu, igihe

umuntu ari kuri iryo riba ridudubiza, akanywaho, maze noneho agashaka kwicukurira igitega (Murabona?) kugira ngo abe ari cyo uzajya unywaho? Noneho, icyo nicyo umuhanuzi yavuze; icyo nicyo Ijambo ry'Imana ryavuze. Icyo nicyo Imana yabwiye umuhanuzi. "Mwarandetse kandi... kandi mwaransize, Isoko y'amazi mazima, maze mwikorogoshorera ibitega, aribyo bitobotse, noneho birava."

44 Murabona ikintu… Bashakaga ikintu bashobora kugenzura, cyangwa icyo bashobora kwerekana ko bakoze. Ubwo nibwo… Ubwo nibwo busazi bw'iyobokamana ryishyize hamwe. Igihe cyose riragerageza… Bagomba kugira ikintu bakuramo bo ubwabo. Bagomba kugira iyi mikorere yose, n'amasosiyete, n'ibindi bintu bakavuga bati, "Kandi mbarizwa muri ibi noneho." Aho kugira ngo babe abana b'Imana baciye bugufi, barashaka ikintu bashobora kwerekana bo ubwabo. Aho kugira ngo bareke Imana ibikore mu nzira Yayo, bashaka kubikora mu buryo bwabo. Kandi uko niko imikorere yafashe itorero uyu munsi. Atari... Buri mikorere, umwe ashaka ko biba muri ubu buryo; undi ashaka ko biba muri buriya buryo. Niba uri Umumetodiste, ugomba kubiba muri ubu buryo, Umubaptista, muri ubu buryo. Umupresbyteriani, Umugaturika, n'ibindi byose, bafite imikorere yabo. Ntacyo tubirwanyaho, ariko icyo sicyo ndimo kuvugaho.

Umuntu ashaka uburyo bwe bwo kubikoramo, kandi Imana ifite uburyo Bwayo bwo kubikoramo. Kandi Iravuga iti, "Mwikomeza ku nzira zanyu, ibitega bitobotse, kandi ntabwo mwemera inzira Zanjye, inzira y'Ubugingo." Kandi icyo ni ikintu kimwe kimeze nkuko kimeze uyu munsi. Ntabwo cyigeze gihindukaho na gato. Tekereza uburyo umuntu yaba ari umusazi kureka iriba ridudubiza ry'amazi meza asukuye arimo n'uduprizo, maze agashaka kujya ku gitega gitobotse icyo yikoreye we ubwe, maze akicukurira igitega, hamwe n'iyo myanda yose yaturutse aho hejuru y'ikiraro ikajyamo aho, hanyuma ukanywa kuri icyo. Aho nyakuri haba hari ikintu kitagenda mu bitekerezo by'uyu muntu.

45 Kandi igihe umuntu yizirikiye ku… ku myumvire ya kidini y'Ibyanditswe, aho kwemera Umwuka Wera uhamiriza Ibyanditswe maze ukabigira ukuri kuri wowe, haba hari ikintu kitagenda mu mwuka kuri uwo muntu. Uko ni ukuri neza neza. Ni ukuri, Umwuka Wera… Buri wese afite ubusobanuro bwa Bibiliya, ibyo mutekereza ko ari byo. Imana ntabwo ikeneye ubufasha bwanyu. Imana ntabwo ikeneye ubusobanuro bwanyu.

Imana ifite Ubwayo Busobanuro. Imana itanga ubusobanuro mu buryo Yo… Mu buryo Yavuze ko Izabikora. Umwami yaravuze mu itangiriro, "Reka aho habe umucyo," maze haba umucyo. Ibyo nta busobanuro ubwo ari bwo bwose bikeneye. Icyo nicyo Imana yakoze. Yaravuze iti, "Umwari azasama inda"; arasama. Ibyo nta busobanuro ubwo aribwo bwose bikeneye. Iravuga ngo izasuka Umwuka Wayo ku bantu bose; Irabikora. Ntabwo bikeneye ubusobanuro ubwo ari bwo bwose. Imana isobanura Ijambo Ryayo bwite binyuze mu kurihamiriza, no kurigaragaza, no kurihamiriza.

46 Uko niko umuhanuzi yahamirijwe ko ari Imana. Yaravuze ati, "Niharamuka hagize umwe uba hagati muri mwe, akaba ari umunyamwuka cyangwa umuhanuzi, Njye Uwiteka nzamwiyereka Ubwanjye binyuze mu iyerekwa, Mvugane nawe binyuze mu nzozi. Kandi ibyo avuze nibisohora muzamutinye; ariko nibidasohora, ntimuzabikore."

Icyo ni ikintu kimwe igihe Imana ivuze Ijambo Ryayo, maze umuntu akavuga ati, "Ijambo ni ibi," noneho bikabaho muri ubwo buryo, noneho aba ari Imana irimo kubikora.

Ariko naramuka avuze ati, "Ni muri ubu buryo, none iyi minsi yarahise," kuko aba afashe ibyo byose… Aba afite mu kiganza umugati w'abashonje, awufite mu kiganza ngo awuhe abana, maze akawujyana kure yabo, maze bakicwa n'inzara. Kubera iki washaka kunywa ku gitega mu gihe iri riba ridudubiza riraho?

Mbese Iriba ry'Ubugingo ni iki ubu? Iriba ry'Ubugingo ni iki, iriba ry'Amazi y'Ubugingo? Iriba ridudubiza ni iki twarigereranya nacyo.

47 Noneho, ndashaka ko mubona itandukaniro riri hagati y'igitega n'iriba ry'amazi y'ubugingo; iriba ridudubiza, kandi igitega gishaje kiri aho hanze cyuzuye utwo dusimba, ibyugu, ibikeri, microbe, n'ibindi. Murabona?

Kandi hano hari iriba ridudubiza. Noneho, mwitegereze ibi. Ni ukwihagararaho. Ntabwo ukeneye kugira imikorere minini cyane iyo ariyo yose maze ngo uzane amafaranga menshi muri yo. Ntabwo ukeneye kwiyunga ku banyamuryango benshi. Aho iyo mikorere ishyigikira abanyamuryango bayo, ku Mwuka w'Ubugingo muri yo, kugira ngo ikomeze gukora.

Mwitegereze amazi aturuka muri ryo; aba afutse, ari meza kandi asa neza. Ntabwo ari igitega, icyo kintu cy'ibiziba cyatobwe n'ibitekerezo by'abantu mirongwine cyangwa mirongwitanu, bavuga bati, "Ibi ni ukuri, kandi ibyo ni ukuri, n'iyi myumvire," maze bagatora ndetse bakabisabа, kandi nkuko babikora, maze hanyuma bakabibyazamo idini. Ryo riratunganye kandi rirasa neza, ni Ijambo ry'Imana ritavangiye, rivuye mu biganza by'Imana. Nyakuri ni iriba ridudubiza ry'ukuri.

Mwitegereze, ibanga ry'imbaraga zaryo ziri muri ryo ubwaryo. Umuntu ntabwo ashobora kuzibona.

Imbaraga zihata z'ubwoko runaka ziri munsi yaryo, ibyo nibyo biritera kududubiza.

48 Ndibuka igihe Njye, nahoze, ndi umurinzi wa Pariki muri Indiana. Nakundaga guca hafi y'iriba runaka, akagezi mu gice cya Harrison. Igihe cyose ryabaga ririmo kudubiza. Kandi uko, oh, ryasaga nkaho aricyo kintu cyishimye kurusha ibintu. Byaba ko hari urubura, n'ayo mahindu, hakonje cyane, uko haba hakonje, ryakomezaga kududubiza; mu gihe ibyo byuzi byakozwe n'umuntu n'ibigega, birimo ibikeri n'ibindi, byababaga biri aho hanze byamaze kuba barafu, kandi byakomeye.

Kandi ibyo biza kwerekana ko idini iyo ari yo yose, binyuze mu kubura gato Umwuka cyangwa guhindura gato ikirere, bizahita bihinduka barafu. Ariko iriba ridudubiza ry'Imana ni iri ko Yo Iri uko Yari ejo hashize, uyu munsi, n'iteka. Riradudubiza ibintu byose bikajya hanze yaryo kandi bikarikurwamo. Kandi kuva na mbere nta byarimo aho. Muri ako kanya byinjiye, rihita ribisunikira hanze bikava mu nzira

49 Icyo kintu cyarimo kiduduza nka gutyo, maze ndavuga, nicaye aho igihe kimwe; ndatekereza nti, "Nizeye ko ndibuvugane n'iryo riba, akanya gato." Nkuramo ingofero yanjye, maze ndavuga nti, "Ese ni iki kikunejeje? Ese ni iki gituma urimo kududubiza? Ahari ni ukubera kose amasha ajya akunywaho rimwe na rimwe."

Iyo ribasha gusubiza ryari kuvuga riti, "Oya."

Ndavuga nti, "Ahari ni ukubera ko nywa kuri wowe."

"Oya, ntabwo ari ibyo."

Ndavuga nti, "Rero, ese ni iki kikugira mwiza cyane, kandi ugasa neza cyane? Ese ni iki… ni iki gituma uzana udupirizo nk'utwo ufite, uhora wuzuye umunezero igihe cyose, kandi nta kintu gishobora gutuma uhinduka barafu? Uhora uterera amazi mu kirere, kandi nta kindi; amazi asukuye."

Iyo ribasha kunsubiza, muzi icyo iryo riba ryajyaga kuba ryavuze? Ryajya kuvuga riti, "Mwene Data Branham, ntabwo ari njye uba urimo kudubiza. Ni ikintu kiri inyuma yanjye, kiba kidudubiza." Kandi uko niko bimeze. Ayo ni amagambo adahagije, ariko muzi icyo nshaka kuvuga.

50 Kandi uko niko bimeze hamwe n'imyitozo yo kuvuka ubwa kabiri. Ntabwo ushobora kuba uyifite. Aba… Aba ari iriba ry'amazi muri wowe, ririmo ridudubiza mu Bugingo bw'Iteka. Murabona, hari ikintu ku byerekeranye nabyo, icyo udafite icyo wabikoraho. Ikigega cyakozwe n'abantu gishobora guhinduka barafu, kandi ni abo baba barimo gusaba ububyutse n'ibindi; ariko umuntu uri munsi y'Isoko, akaba aba muri iyo Soko, ku manywa na nijoro. Oya, ntabwo ukeneye gutegereza imvura isanzwe n'ububyutse busanzwe. Buba bwuzuye muri wowe. "Nzamuha isoko y'Ubugingo, izajya idudubiza muri we." Haba hari ikintu gihora gifutse muri we buri munsi, cyiza kandi gisa neza. Iryo ni Ijambo ry'Imana ritavangiye mu mutima wawe no ku munwa, Ririmo ryihamiriza Ubwayro, ryivugaho ryo Ubwaryo. Ntabwo nitaye kumenya niba imvura irimo kugwa, niba hari urubura, ubwoko ubwari bwo bwose bw'ikirere, uhora unezerewe kubera ko Umwuka Wera uba urimo Ududubiza. Ni imbaraga zihishe. Mwitegereze. Oh, ni ibanga ririmo aho imbere.

51 Riritanga ubwaryo, ku buntu, kuri buri wese ushaka kunywa kandi agakoresha izo mbaraga zaryo. Noneho, ntabwo rihaguruka, ngo rivuge riti, "Byiza noneho, nkwiriye kujya mu itorero ry'Abametodisti kubera ko ndi Umumetodisti, kugira ngo ngire ububyutse. Bizansaba kujya hano, ariko niba... Nkwiriye kujya mu Bapantekote kubera ko ndi ububyutse bwa Gipantekote." Ndababwiye, igihe ugiye ku iriba ry'Amazi adudubiza, Iriba, igihe unyoyeho aho, nta tandukaniro riba rihari, uha buri kintu kije kuri wowe. Uba wifuza gutanga ibyiringiro by'Ubugingo ku Mugaturika, ku Muporoso, ku Muyahudi, ku uhakana Imana, cyangwa ikindi yaba cyo. Uba uri umunyakuri, nyakuri ufite Ikintu muri wowe gikora ibyo.

52 Murabona ikindi kintu kuri byo, ntabwo ukeneye kuyasunika. Ntabwo ukeneye kuyakurura, maze ngo uyasunike. Nagiye mbona byinshi byo muri byo kugeza ubwo bikurwaza; Basunika ikintu, babyina imiziki myinshi, kandi biterera hajuru no hasi, cyangwa igihiriri cy'ubuvanganzo aho mu mugi, n'ibimenyetso binini bikomeye, "Umuntu w'iki gihe."

Hari umuntu umwe gusa w'igihe, kandi Uwo ni Yesu Kristo, Uwo uri uko Yari ejo hashize, uyu munsi, n'iteka. Hari Intumwa imwe ivuye ku Mana, kandi iyo yari… iyo yari Yesu Kristo. Yego, mugabo.

Ntabwo ukeneye guhata ibyo, cyangwa kubikurura ngo bimanuke. Cyangwa, ntabwo, ukeneye kwiyunga kuri byo. Urabifata gusa, ku buntu. Amena. "Ndi Isoko y'Amazi y'ubugingo; mukandeka maze mukajya kwiyubakira ibigega by'amazi." Noneho, ntabwo ukeneye kurikamura, kurisunika, no kuryiyungaho, kuricukura, nta kindi ukeneye. Ukeneye gusa kurifataho ku buntu.

53 Ntabwo ukeneye tewolojiya zikozwe n'umuntu aho ukeneye ako kayunguruzo k'umwenda, bakaba bakubwira ibigomba kugenda n'ibitagomba kugenda. Za tewolojiya zakozwe n'umuntu binyuze mu mikorere y'amashuri runaka, iyobokamana ryo kwihimbira gukiranuka mu byawe... mu byabo... muri ibi, cyangwa ibitega runaka by'imikorere ya kiyobokamana, ntabwo mubikeneye. Ntabwo rikeneye kuba aho.

Ushyizeho uwo mwenda ushaje, rizahita riwujugunya mu kirere. Ntacyo rikeneye ko ukoraho. Ririshoboye. Ni imbaraga z'Imana zirimo zidudubiza Ubugingo. Kubera iki umuntu yasiga ikintu nk'icyo kugira ngo yiyunge ku mikorere, ibyo birenze ibyo nashobora kuvuga. Ntabwo bikeneye ako kayunguruzo gakoreshejwe umwenda. Ntabwo rigakeneye. Ntabwo bikeneye ko byaba... Ntabwo rikeneye kwishingikiriza ku mvura isanzwe kugira ngo ryuzure. Rihora ryuzuye igihe cyose. Amena.

54 Umuntu umwe… Nabumvise bavuga bati, "Nari mbabaye cyane uyu munsi." Oh, mbega. Oh, ndanezerewe kubwo kuba Imbere y'Imana, ibintu byaba birimo kugenda neza cyangwa bitarimo kugenda neza. We ni Ubuzima bwanjye. Amena. We ni Ubuzima bwacu bwose. We ni Ubuzima, Ubuzima busagutse. Yego, mugabo. We… Kandi reba icyo bidukoraho. Imbaraga Ze no gutungana imbere muri zo. Ntabwo rikeneye kuvomererwa avuye mu bigega cyangwa indi mikorere yose.

Umuntu umwe yavuga ati, "Nibyo, ese ikarita yawe y'ubunyamuryango irihe? Reka turebe niba uri Umubaptista mwiza. Ndashaka kureba niba ufite ikarita. Cyangwa… cyangwa, uri Umupantekote mwiza, niba uri Umunyabumwe, Umyabubiri, Umunyabutatu, cyangwa… cyangwa ikindi cyose." murabona? Ntabwo rikeneye gufashwa uko ariko kose. Igihe cyose rihora rigenda. Yego.

Murazi, nahoze mfite ikigega cy'amazi gishaje; byansabaga gusukamo amazi aho maze ngahata ngahata kandi ngahata, hamwe n'iyo mashini isunika amazi ishaje kugira ngo abashe gusohokamo ahongaho; murabizi, kugira ngo mbashe kugira amazi nkuramo aho ngaho, kandi ngasangamo ikirundo ry'udusimba n'ibindi kugira mbashe kuvanamo utwo dusimba n'ibindi. Ibyo bimeze nk'uko ubwo bubyutse bugendera ku mikorere runaka bumeze.

Ariko, ndashimira Imana, "Hari Isoko yuzuye Amaraso, aho umunyabyaha yirohamo akibira muri icyo kidendezi." Ntabwo ibahinduramo abanyamuryango b'itorero; ibahinduramo Abakristo igihe baje kuri iyo Soko. Kubera iki mwareka Isoko y'amazi y'ubugingo mukajya kunywa ku cyobo cyuzuye imyanda nk'icyo

55 Nta gusunika; imbaraga Zaryo ziri muriryo ubwaryo. Ntabwo rikeneye ko wongera guhata (Yego, mugabo.) Kubera ko ubwaryo, ubuzima bwaryo bwite buri muri ryo. Uko niko imbuto y'Imana iri mu mutima w'umuntu. Ubuzima bw'Imana buri mu muntu ku giti cye, ntabwo ari mu itorero, muri wowe; buri muri wowe, ni wowe ufite ako karemangingo k'Ubuzima muri wowe.

Gusogongeraho rimwe gusa bishobora kwemeza buri wihaye Imana wese. Baza umupadiri w'Umugaturika; baza Umubaptista, icyo byaba biricyo cyose. Gusogongera rimwe gusa kuri aya mazi afutse y'isoko idudubiza, ndababwiye, birahamirijwe ko ibyo ari Ukuri. Ubugingo bwawe bushonje... uko biri kose, bwemeza ufite inyota uko biri kose. Noneho, niba udafite inyota... Uyu Mubaptista muto, ntabwo yari afite inyota kuva na mbere; ariko igihe agize inyota, amazi aba aryoshye cyane. Uko ni ukuri, ariko ugomba kugira inyota, "inyota ihawe umugisha," Nkuko Yesu yise ibyo. "Hahirwa mwebwe abashonje kandi banyotewe no gukiranuka, kubera ko muzahazwa." Kandi Yesu yaravuze uko niko yavuze, nshuti. Yego, mugabo. Ni Isoko ihawe umugisha ku banyotewe.

56 Ni ukubera iki mwashaka kuyigurana igishanga? Ni gute wakwifuza gusimbuza isoko idudubiza ngo uyigurane igishanga, byuzuye udusimba no kwandura kw'ubwoko bwose bw'imikorere yahimbwe n'umuntu, aribyo Imana yavuze iti, "Kongeraho rimwe mu Ijambo Ryayo, cyangwa ugakuramo rimwe mu Ijambo Ryayo, umwanya wawe uzakurwa mu Gitabo cy'Ubugingo"?

Kandi igihe Imana isezeranye ko Izahamiriza iri Jambo muri buri gisekuru, "Kubera ko isezerano ari iryanyu n'abana banyu, n'abandi bari kure bose, abo Umwami Imana izahamagara bose," kuberera iki wajya kuvoma ku ariyo marobine yakozwe mu ihuzamikorere ayo yandujwe imyaka myinshi kubera iyo manu ya kera? Wenda ahari iyo manu yari imeze neza, nta kibazo yari ifite, mu minsi ya Martini Luteri, mu minsi y'ibi n'iminsi ya bibiliya, n'abandi bagorozi, nta kintu kuri bo; ariko iyo ni manu yaguye hashize igihe kirekire.

Nimubasha kwitegereza muri Bibiliya, byasabaga ko batora iy'uwo munsi. Byabasabaga gushaka inshya. Nyuma y'uko itangiye gusaza gato, yaraboraga. Ntabwo ishobora kubora itabanje gushwanyuka. Igomba kugira muri yo udusimba, cyangwa ibindi… kugira ngo biyitere kubora. Ibyo turabizi ko ari uko biri.

Kandi uko niko imikorere imeze. Nyuma y'uko ishyizweho aho kuva ku bubyutse bumwe bunini kugera ku bundi, maze ikanduzwa ndetse ikuzura udusimba, kandi imeze nk'igitega cyuzuye wiggletails [check], nkuko twakundaga kubyita, udusimba duto cyangwa tuba turimo gukiniramo aho.

57 Kandi icyo nicyo kibazo hamwe n'imyitozo y'abantu benshi uyu munsi. Yo… Yuzuye utwo tu wiggletails, tugenda twikuruza aho, tugenda dusunikana kamwe kuri kamwe, na kamwe ku kandi, bavuga uburiganya butigeze bugira ukuri na gato muri ko. Uko ni ukuri, bavuga ibintu bisa nkaho ari byo ariko bidafite ukuri na guke. Uko niko biri, bagenda babyigana umwe ku wundi. "Nari Umumetodiste; niyunga ku Babatista. Nari Umugaturika; njya kuba ibi. Njya kuba biriya." uko ni ukuba nka wiggletails. Oh, ibagirwa ikintu cyose maze ujye ku Iriba (Amena.), Iriba ridudubiza amazi, kubaho guhoraho kwa Kristo. Ndamwizera ko We ari Isoko y'Amazi Adakama y'Ubugingo. Uko urushaho kunywa kuri Yo, niko irushaho

kuba ifutse, kandi ikarushaho gukonja, kandi ikaba ariko irushaho kuba nziza, kandi akaba ariko irushaho kuryoha. Maze imyaka mirongwitatu n'itatu mukorera, kandi buri munsi Agenda arushaho kunryohera kurusha uko Yari Ameze umunsi ubanza. Ntabwo nigeze mba... Yavuze ko utazigera ugira inyota ukundi niba unywa kuri aya Mazi. Mwitegereze uburyo ari isoko ikomeye. Oh.

Isiraheri yakoze byinshi nk'ibiri uyu munsi, baretse isoko y'amazi y'ubugingo kugira ngo bajye kwikorogoshorera ibitega.

58 Noneho, mu gihe turimo kuvuga ku buntu mu kanya gato, mbega ubuntu bw'Imana. Dufite amategeko n'ibigendera ku mategeko, "Kandi nuramuka udapimye ibi ngo bibe ku gipimo… Mfite inkoni ya kidini yo gupimisha; niba udafite igipimo kigera kuri ibyo, ukwiriye, ubwo, ntabwo ushobora kwinjiramo aha," n'ibindi. Ariko Imana yaradukijije binyuze mu buntu, bitanyuze mu nkoni yo gupimisha. Murabona? Ariko Imana, irimo kuvuga ku buntu ubu, ibi byabayeho mu buhe buryo, kwari ukugomba kunywa kuri We. Bivuye kuri iyi nkoni yo gupimisha...

Barivovose, Isiraheri iritotomba. Mwitegereze, Iravuga ati, "Nzongera ngusure indi nshuro." Mwitegereze mu Byanditswe. Mwitegereze, Izongera ibagerageze yongere kubasura indi nshuro. Isiraheli yitotombera ku Nyanja Itukura yari yahamagariwe kuyikurikira binyuze muri ibyo biziba by'amazi y'Abanyeputa kugira ngo babe ubwoko bubohowe. Bari bahamagariwe kugira ngo babe ubwoko bufite umudendezo, hamwe na We. Bakaza banyuze mu Nyanja Itukura, Inyanja Itukura... Inyanja Itukura, basohoka muri iyo ku girango bajye mu butayu kugira ngo ibazanire kwitandukanya hagati yabo no kwishushanya aho bagerageza kubyigana kandi batarakebwe.

59 Oh, icyo nicyo cyateye akaga. Buri wese muri bo yarimbukiye mu buta… cyangwa aho… cyangwa aho mu nyanja, Farawo n'ingabo ze. Babonye abantu bagenda bafashijwe n'imbaraga z'indengakamere, nuko baragaruka aho maze bagerageza kubyigana batabanje kuba bari… [Umwanya uriho ubusa— Ed.]... inyanja. Kandi igihe babikoze, bararimbutse. Uko ni ukwigeraranya k'umubiri.

Umuntu agerageza gukora ibyo, akagerageza kwigana ikintu, hanyuma akaba arimo gukora ukwigereranya k'umubiri ku Mukristo w'ukuri.

60 Mwene Data w'Umuhindi hariya arabizi. Yaturutse aho muri Bombay kandi muzabona abantu aho, Aba Hindu n'abandi, baryamye aho ku mihunda ndetse no kuri ibyo… bagendegenda mu birahure ndetse… ndetse bagendagenda mu muriro kugira ngo berekane icyo bashobora gukora, n'ibintu nk'ibyo. Uko ni ukwigana k'umubiri kw'abantu bamwe bari aho mu ishyamba, ibyo abikora nk'igitambo ku mana ye.

Tubona ko hagati mu buzima bwa kiyobokamana bwose, kwigana k'umubiri, aho umuntu umwe agerageza kuba nk'undi. Hari Urugero rumwe ukwiriye kugerageza kuba nka rwo, uwo ni Yesu Kristo, Uwo wari mu Ijambo. Kandi noneho igihe Ijambo ry'Imana rije kuri wowe, bizaba mu buryo bumwe.

61 Ariko Imana yabayoboye aho mu gihugu cy'isezerano uko biri kose. Babona buri kigega cy'amazi… Igihe batangiye kujya mu butayu mu rugendo rwabo ubu, nyuma y'uko batandukanye, babona ko buri kigega kuri bo cyari cyumye kuri bo.

Kandi muzabona ikintu kimwe, mwene Data, igihe muzatangira uru rugendo mujya mu gihugu cy'isezerano. Muzasanga inzugi zikinze. Nkuko uriya mubwiriza muto yavuze, Umwangilikani, cyangwa icyo yaricyo cyose, kandi ikintu cyambere murazi, itorero rye ryaramwirukanye. Murabona? Igihe yari akimara kugira benshi bakiriye Umwuka Wera aho niho hari iherezo ryabyo.

62 Kandi twe… kandi Isiraheri yabonye icyo kintu kimwe, nk'urugero, mu rugendo rwabo bajya mu gihugu cy'isezerano. Ibigega byose byari byumye. Yego, urugendo rwabo rwo kubaha Ijambo Ryayo ry'isezerano, urugendo rwabo, kandi ibigega basanze byumye. Noneho, babona ikigega... ikigega nticyashoboraga kwishingikirizwaho mu rugendo.

Kandi igihe ugiye mu rugendo hamwe no kubaha Ijambo ry'Imana, maze ukagerageza kwiyunga kuri ibi no kwiyunga kuri biriya, uzaza kubona ko nta kigega gihari mu isi gishobora kubishyigikira, habe na kimwe. Uri umuntu ku giti cyawe. Imana ikuyobora mu buryo ishaka kukuyoboramo. Hanyuma twabonye icyo kintu kimwe uyu munsi, kandi ibigega byo byarumye.

63 Ariko isezerano, igihe cyose aba ari ukuri ku Mana izarinda isezerano Ryayo ku bantu Bayo. Yasezeranye kubaha ibyo bakeneye byose, uko niko Yakoze ibyo. Hagati mu busa, ikigega cyumye (bitekerezeho gusa.), kandi kwivovota kwa Isiraheli mu butayu mu rugendo rwabo, Yahamagaye umukozi Wayo w'umuyobozi, umuhanuzi Mose imushyira iruhande, maze ifungura isoko y'amazi mazima avuye mu Rutare rwakubiswe, uko niko abana Bayo bizeye batashobora kurimbuka.

Muri iyi minsi, ibyo bivuga ubuntu kuri njye. Ntabwo dukwiriye. Uburyo dukoramo, uburyo tubaho, ntabwo dukwiriye. Ariko Imana muri iyi minsi, kimwe n'aha muri iki gitondo, murebe ku Bametodiste, Ababaptista, Abapresbyteriani, Abagaturika, n'abandi bose, Yafunguye Isoko. Abaheburayo 13 rihamya ibi, ko Ari uko Yari ejo hashize, uyu munsi, n'iteka. Uko niko... bigira ukuri Yohana 3:16, "Kuko Imana

yakunze abari mu isi cyane, maze Itanga Umwana Wayo w'ikinege, kugira ngo umwizera wese atarimbuka, ahubwo ahabwe Ubugingo Buhoraho."

Kandi uko niko Yamanitswe kubera impamvu nyinshi, kubera ko abantu barimo bivovota kandi bakora ibyaha, maze baribwa n'inzoka kandi bari barimo gupfa; nuko kubwo kubabarirwa ibyaha byabo, no gukira kw'indwara zabo. Kandi iyo niya Soko imwe iyo yadufungukiye uyu munsi, kubw'agakiza kacu no gukira indwara kwacu, gukira indwara k'umubiri. "Ari uko Yari Ari ejo hashize, uyu munsi, n'iteka."

64 Kandi igihe Igitare cyakubiswe binyuze mu isezerano ry'Ijambo ry'Imana yari yarategetse, cyadudubije amazi meza akeye; atari… atari ikiziba, atari amazi ahumanye, ahubwo Imana Kugaragara kw'Imana ubwayo. Yari amazi atunganye, kandi yakijije abo bose bayanyoye. Noneho, tuziko ibyo ari ukuri, kubera ko tubisoma mu Isezerano rya Kera, nk'igishushanyo.

Noneho, ntabwo ukeneye kuyakurura, kuyahata, kwiyunga kuriyo, ngo ujye mu maseminari kugira ngo wige uko bikoreshwa. Bazakubwira uko wabikoresha aho (Murabona?), "Oh, ubwo, mwebwe, niba mwarakiriye Umwuka Wera, ibyo turabyizeye, ariko kuri mwe… Ukabikora muri ubu buryo."

Ariko, murabona, nta kubigenzura guhari. Ntabwo ukoresha Umwuka Wera; Umwuka Wera aragukoresha. Murabona, murabona? Ntabwo uri… ntabwo uri hano kugira ngo ukoreshe Umwuka Wera; Umwuka Wera uragufata. Impano ntabwo ari ikintu ufata nkuko ufata icyuma, maze ngukikoreshe uconga ikaramu y'igiti. Ni ukwiyegurira Imana wowe ubwawe maze ukivana mu nzira bityo Umwuka Wera agashobora kugukoresha.

65 Mwitegereze, ntibigeze bagomba kurihata cyangwa ngo barikurure, cyangwa ntabwo byabasabye gusaba bati, "Noneho, ni gute turibukoreshe aya mazi?" Kubera ko bari bazi uburyo bwo kuyakoresha. Bari bazi icyo gukora kuri yo.

Kandi uko niko Umugabo cyangwa umugore, ikindi cyose, tutitaye ku mugenzo cyangwa idini babarizwamo. Iyo afite inyota y'Imana, ntabwo akeneye kwirukira kuri seminari, nkuko uyu mwene Data w'Umwangilikani yabikoze, cyangwa uyu mwene Data w'Umwongereza, mu ijoro ryahise, byamusabye gusubirayo maze akajya kugisha inama itorero ry'Angilikani, uburyo akwiriye gukoresha iyi mpano ikomeye yabonye, kuvuga mu ndimi, n'uburyo agomba gukora ibi. Kuva na mbere bagombaga kumwirukana. Murabona? Yari afite inyota, uko niko Imana yamwujuje. Ibyo nibyo bihari kuri ibyo. Ni ukugira inyota, maze hanyuma Ikakuzuza.

Ntabwo ari ukugira ukundi kugenzurwa, kugira ngo undi muntu akubwire icyo kubikoresha. Imana iyobora buri muntu ku giti cye… Mu buryo Ishaka ko ubikora. Uri… umuntu ku giti cyawe. Uri igice cy'Imana. Nta muntu wafata umwanya wawe. Kandi nta buryo buhari bwo kujya kureba undi muntu, maze ukavuga uti, "Noneho, ngomba kubikoresha iki," cyangwa "ngomba kubikoresha kiriya." Oya, mugabo. Imana ibikoresha muburyo Ishaka. Igihe ufite inyota, uba ufite icyo kunywa gihagije.

66 Kandi niba unyotewe iki gitondo, nywaho; icyo nicyo ufite gukora gusa. Imana yatanze uburyo bw'inyota yabo, abana banyotewe kugira ngo bagabane kuri Yo Ubwayo ku buntu. Kandi Imana itanga uburyo buri mugabo na buri mugore muri iki gitondo, uwo ushonje kandi unyotewe. Ahari hari abantu bicaye hano, batigeze bakizwa. Hari abantu bicaye hano bari ku gipimo cyo gukizwa.

Hari abantu hano, bicaye hano nk'abanyamuryango b'itorero; urashaka kubikora mu buryo bukwiriye, ariko urimo kunywa ku kigage. Ntabwo bazigera bakubwira ukuri.

Ikintu gusa ushobora kuzageraho, ni ugufata isezerano ry'Imana maze ukaza kuri iyo Soko, hanyuma Ikazimya iyo nyota. "Uwo unywa kuri iyo Soko ntabwo azongera kugira inyota ukundi."

67 Mwitegereze noneho, ni gute… Ni gute Yabohoye Abayo… Abayo bakiriye aya mazi kubw'ubuntu, kandi atari kubw'imikorere cyangwa igitega cy'amashuri. Ihamiriza Ijambo Ryayo ni Isoko itanga Ubuzima. Ni bangahe barimo hano baziko ari ukwakira Ubuzima igihe ufashe ririya Jambo n'amazi Yayo, mukaba muziko uba wakiriye Ubuzima?

Reka dufate urugero, ubu, urundi rugero, cyangwa ebyiri, kandi noneho ndahita nsoza mu kanya. Simfite… Nkwiriye kuba mfite iyo button [check] ahantu runaka. Ariko mwitegereze. Nakomeje kuvuga, ariko sicyo nshaka kuvuga. Murebe, reka dufate urugero, nk'abantu babiri.

68 Reka dufate umugore wari ku gitega cya Yakobo, iriba ryafukuwe. Ngaho aho yari yicaye aho. Aho niho abagore bose bari bazi, hari kuri icyo gitega aho yaje kuvoma amazi. Kandi aho binyuranye n'iriba abona, mu buryo buto butuma bigaragara aho, Umuntu wari wicaye aho, Umuyahudi. Kandi we yari Umusamariya; hari mu murwa witwa Sukara. Kandi tubona ko uyu Muntu, uyu Muyahudi, yavugaga Ijambo ritamenyerewe kuri uyu mugore, aravuga ati, "Nzanira icyo kunywa."

Aravuga ati, "Ubu, dufite ivangura ruhu. Ntabwo aribyo… ntabwo ari byo kuri wowe kumbaza ikibazo nk'icyo; Wowe kuba uri Umuyahudi, na njye nkaba Umusamariya."

Aravuga ati, "Ariko iyo umenya uwo mwarimo muvugana, wajyaga kunsaba icyo unywa, kandi najyaga kuguha amazi kuburyo utazakenera kongera kugaruka kuri iki gitega kugira ngo unyweho; hagahinduka iriba ry'amazi adudubiza muri wowe." Mwitegereze, igihe yabonye ko ibyo bihamijwe ko ari Ukuri.

69 Noneho, ubwa mbere, umuntu wese yashoboraga kuvuga nk'ibyo. Ariko aravuga ati, "Muvuga ko muramiriza muri Yerusalemu, kandi twe turamiriza kuri uyu musozi."

Aravuga ati, "Agakiza ni ak'abayahudi. Tuzi ibyo twizera." Ariko aravuga ati, "Reka Nkubwire ikintu kimwe," mu magambo nk'aya, "Ntabwo ari kuri uyu musozi, cyangwa ngo habe i Yerusalemu. Igihe kiraje ubwo umuntu azaramiriza Imana mu Mwuka no mu Kuri, kuko ibyo aribyo Data ashaka." Aravuga ati, "Genda uzane umugabo wawe maze uze hano." Itegereze, hano birahamijwe. Hano herekana iriba yari ariho. Aravuga ati, "Genda uzane umugabo wawe maze uze hano."

Aravuga ati, "Nta mugabo n'umwe mfite."

Aravuga ati, "Uvuze ukuri." Murabona, bigaragara nkaho byari binyuranye kuburyo bwuzuye n'icyo yari amubajije, maze aravuga ati,"Genda uzane umugabo wawe."

Aravuga ati, "Nta mugabo mfite."

Aravuga ati, "Wavuze ukuri." Ati, "Wari ufite batanu, kandi n'uwo muri kumwe ubu ntabwo ari uwawe."

70 Itegereze uriya mugore, uburyo yari atandukanye n'abatambyi ba kiriya gihe. Abatambyi ba kiriya gihe babonye icyo kintu kimwe kibaho, maze baravuga bati, "Iyi ni dayimoni, ni ugusoma ibitekerezo, cyangwa… cyangwa ni Belizebubi." Murabona, bananiwe kubona Ijambo ririmo gusezerana ibyo.

Ariko uyu mugore muto wari uzi imirongo neza y'Ibyanditswe kurusha umutambyi uwo ari wese. Aravuga ati, "Mugabo, mbonyeko uri umuhanuzi. Ntawe twigeze mu myaka maganane ishize, guhera kuri Malaki." Ariko aravuga ati, "Twari dutegereje umwe, kandi tuziko hari ugomba kuza, Mesiya. Kandi igihe yaje, iki nicyo Azakora."

Yesu aravuga ati, "Ndi We." Amena.

Ese mwabonye ko, yasize ikibindi cye aho ku gitega cya Yakobo, amanuka yiruka mu murwa, yujujwe n'isoko idudubiza. Yashoboraga kubibona bihamirijwe bitunganye, kandi We yari iyo Soko mu buzima Bwe. Reka mbibereke. Yasize ibyo. Igihe yari ahamirijwe ko ari Ijambo ry'Ubugingo, aramusiga; kandi avumbura ko icyo Gitare cyakubiswe aho mu butayu, cyari gihamijwe ko kiri aho noneho.

71 Reka mvuge; ko iyo Mana imwe yari muri iyo minsi yahise, iyo tuvugaho cyane, Iri hano aka kanya, atari ibinyuze mu myumvire runaka ya tewolojiya, ahubwo binyuze mu bumenyi bw'umuntu ku giti cye bwo kumenya guhamirizwa Kwe ko azasuka Umwuka Wera ku itorero Rye muri iyi minsi ya nyuma. Yo ntabwo ari "Nahozeho." Iracyari "Ndiho," Muri aka kanya, igihe cyose.

Hanyuma igitega gitakaza uburyohe bwacyo. Kandi uko niko bigenda ku muntu wese wigeze yinjira mu mbaraga z'Imana binyuze mu mubatizo w'Umwuka Wera, amadini ahita atakaza uburyohe bwayo. Uba utagikeneye ukundi ayo mazi arimo imitubu, n'ibyugu, n'udusimba, n'ibndi. Uba uri kunywa ku Isoko ifutse kandi isa neza. Ijambo ry'Imana, rihora ritoshye mu bugingo bwawe. Nkuko imeze ubu, igihe Ijambo rihamirijwe ko ari Ukuri, musogongere kandi murebe ko atari ukuri.

Nubwo igitega cyari cyara mufashije nk'iriba… Cyakoze mu gihe cyacyo neza; ariko (Murabona?), Isoko y'Ubugingo yari iri aho, atari iriba rya Yakobo ukundi, kubwo kunywa amazi y'umwuka. Icyo batekereje, iyo bajya kunywa kuri iryo riba, koko, byari kuba nta kibazo; ariko noneho Isoko y'Ubugingo Ubwayo yari iri aho.

72 Noneho ntabwo dukeneye imikorere n'idini ibyo dufite. Turi ku iherezo. Kandi Imana yarasezeranye muri iki gihe cyanyuma ibintu Izakora. Kandi turabibona birimo bisohora ku Ijambo. Turi kumva abantu b'igisirikare bagomba guhaguruka, kandi bafite ubwoba, maze bakavuga, bo, bati, "Hari ikintu kigiye kuba." Turi kumva Umwuka Wera atuburira ko hari ikintu kigiye kubaho. Turabona ko buri kintu kiri mu murongo. Noneho reka iyo mikorere noneho uze ku Isoko. Yego, mugabo.

Cyakoze umurimo wacyo, ariko noneho yarimo arebana amaso ku maso n'Isoko Ubwayo.

73 Muri Yohana 7:37-38, Yesu yaravuze ngo mu minsi yanyuma y'iminsi mikuru y'ingando (Ni iki Yavuze?), "Niba hari umuntu ufite inyota, reka aze kuri Njye maze anywe." Aho hagati mu gihiriri cy'abanyatewolojiya. "Niba umuntu afite inyota, reka aze kuri njye, maze anywe. Nkuko Ibyanditswe bivuga, muri we imbere hazavamo imigezi y'Amazi y'ubugingo."

Hari Isoko nzima. Iyo niyo Soko abantu banze uyu munsi. Kubera imigenzo, baretse Isoko y'Amazi

y'ubugingo. Munyemerere mubereke. We, kuri njye… kandi ndimo gusoza.

We, kuri njye, ni ya Soko yakijije ubuzima bwa Hagari, n'umwana, igihe barimo bapfa mu butayu.

Nizera ko We ari rwa Rutare; muri Yesaya 32, We ni cya Gitare cyari mu kidaturwa. Ni ubwihisho mu gihe cy'umuyaga w'igihuhusi

Zekariya 13, We ni Isoko yafunguwe mu Nzu ya Dawidi, kubera icyaha. Ndamwizera ko ari ibyo. Ese wowe si uko?

Muri Zaburi 36:9, We ni isoko y'Ubugingo. We ni Amazi atuje ya Dawidi, n'urwuri rutoshye. Ni Amazi avuye iruhande rw'akagezi, kubwa Dawidi.

74 Mu Itangiriro 17, Ni We mabere yonsa ya Abraham, El Shaddai ubwo nibwo ubuzima bwe bwari buvuye muri we, nabwo we… Imana yaravuze.

"Umuntu w'imyaka ijana, ni gute ibi byashoboka? Ndashaje; umugore wanjye arashaje, ni gute ibi bintu byashoboka?"

Aravuga ati, "Ndi El Shaddai." Noneho, "El" ni "ayo" maze... maze "Shad" ni… ni "amabere" na "Shaddai" ni ubwinshi, bishatse kuvuga, "Ndi amabere y'Imana."

Kimwe n'umwana urimo arira, kandi arwaye, ndetse yacitse intege, aryamye mu gituza cya mama we kandi arimo nkonka ngo imbaraga zigaruke. Ni ukuri. Atari ibyo gusa… Igihe arimo konka, ntabwo akomeza kurira. Ari ku mabere ya nyina, aba anyuzwe mu gihe arimo kugira imbaraga.

Kandi umuntu wese uzafata isezerano ry'Imana mu mutima we, uwo, "Isezerano ni iryanyu, n'abana banyu, n'abari kure bose, abo Umwami Imana yacu azahamagara bose" noneho egamira aho maze wonke imbaraga zigaruke… Mwana urimo kurira, byizere. Ni iby'abizera.

75 Ku musizi w'umwizera, nshobora gutekereza indirimbo nyinshi izo umusizi yadushakira. Hari imwe muri zo yavuze igihe kimwe, We…

Hari Isoko yuzuye Amaraso,

Yavuze mu mitsi ya Imanweli,

Igihe abanyabyaha biroshye muri icyo kidendezi,

Bakurwaho ibyo bizinga byose byabaregaga

Wa mujura wari ugiye gupfa yanejejwe no kubona

Iyo Soko mu gihe cye;

Aho nanjye birashoboka, nubwo ndi mubi nkawe,

Kunyozaho ibyaha byanjye byose.

Kandi kuva ubwo binyuze mu kwizera nabonye iyo soko

Iyo yatembaga ivuye mu bikomere Byawe,

Urukundo rucungura nirwo rwabaye inganzo yanjye

Kandi ruzakomeza kubayo kugeza mfuye.

76 Kuri njye, We ni Amazi y'Ijambo yo Gutandukanya, ayo agutandukanya na buri kintu kinyuranye n'Ijambo Ryayo. Ni We Soko nizera ko Akwiriye kuba Yo. Yego, mugabo. Iyo… Ni we Mazi yatandukanije n'ibitega byahimbwe n'abantu ajyana ku Isoko y'Amazi y'ubugingo. Oh, nshuti, njye... Nshobora gusa... Ushobora gukomeza kandi ugakomeza, hamwe n'ibintu ibyo... ibyo We ari byo kuri twe. We ni Alpfa, Omega. Ni We Tangiriro; Ni We herezo. Ni We Wahozeho, Uriho, kandi Uzaza. We ni Igishyitsi akaba n'urubyaro rwa Dawidi. We ni Inyenyeri yo Muruturuturu. We ni byose muri byose byanjye.

77 Kandi, mwene Data, mushiki wanjye, niba utarigeze ugira… Niba warigeze unywa kuri iki kigega gito cyakozwe n'abantu, ubuzima bwawe bwose, kubera ki noneho utareka icyo kigega maze ukaza kuri iyi Soko?

Reka twubike imitwe yacu akanya gato. Hamwe n'imitwe yacu yubitse… [Mushiki wacu atangira kuririmba muzindi ndimi. Umwanya utariho ikintu kuri kasete—Ed.]…ku myumvire yanjye, ni uguhamagara abantu ku gicaniro. Ni bangahe bari hano ubu?

Njye… Nari nguwe nabi. Njye… nabatindije cyane, byatumye nshagaguramo ubutumwa bwanjye mo

ibice. Ariko nizera ko Umwuka Wera ashaka ko mumenya icyo nshaka kuvuga. [Umwanya utariho ikintu kuri kasete —Ed.] Nka We… Murabona? Murebe, nta kintu gihari cy'ingenzi cyane muri iyi minsi nko kuba utunganye hamwe n'Imana (Murabona?); ifunguro ryacu, icyo ryaba riricyo cyose. Umwami ari hano. Noneho nigeze numva ibyo inshuro imwe gusa mu buzima bwanjye, guhera ubwo.

Noneho, ni bangahe… Mwese abari hano, oya, "Ni bangahe." Mwese abashaka kunywa kuri Ibyo, muhaguruke umunota umwe, kugira ngo dusenge. Imana ibahe umugisha. [Mwene Data Branham arahagarika— Ed.] Umwami abahe umugisha.

78 Noneho, ni bangahe bari hano, abo… abahagaze hano aka kanya, bashobora kuvuga, bakoresheje kuzamura ikiganza nka gutya bati, "Mana ngwino kuri njye; unyuzuze, Ureke nywe kuri iyi Soko. Kandi ntabwo nakoze ibikwiriye, ariko… Ndashaka ngo Wowe umbabarire kubwabyo. Ndashaka ko unyozaho ibyaha byanjye. Kandi utume... utume... utume kuva uyu munsi, gusa..." Noneho urebe. Mbega...

Hari Isoko yuzuye Amaraso,

Yakuwe mu mitsi ya Imanweli

Kandi Abanyabyaha biroha muri icyo kidendezi

bagakurwaho ibizinga byose bibarega

bagakurwaho ibizinga byose bibarega

bagakurwaho ibizinga byose bibarega

Kandi Abanyabyaha biroha muri icyo kidendezi

bagakurwaho ibizinga byose bibarega

Noneho, uwo ni wowe Mukristo wizera, wemeye Kristo nk'Umukiza wawe, ariko ntabwo wagize… Noneho, niba utari wabikora, iyo niyo Soko. Umwe gusa nzi ko ari We Soko yavuye mu mitsi ya Imanweli. Noneho, kandi niba benshi muri mwe hano…

79 Bimeze nkuko narimo mvuga undi mugoroba kubijyanye n'iki kizu gito cyarimo kigenda mu gikari hamwe n'inkoko. Kandi nta kindi cyigeze kimenya uretse inkoko, ariko cyari kiziko gifite ikintu kinyuranye n'inkoko. Maze hanyuma nyina iza kugihiga, maze irasakuza hejuru. Kwari uguhamagara kw'ikizu. Murabona? Cyagomba kuba ari ikizu kuva na mbere, cyangwa ntabwo cyaribushobore kumenya uko guhamagara. Murabona, we...

Aho hagomba kuba ikintu, cyo kugira ngo gisame imbuto, cyangwa nticyashoboraga kugaragaza Ubuzima. Kandi iyo Imbuto, Ijambo ry'Imana, iri muri wowe, Umwuka Wera ari hano kugira yakire iyo Mbuto maze ayigaragaze by'ukuri kuri wowe.

80 Ni bangahe hano batari bakira umubatizo w'Umwuka Wera, ese mwashobora kuzamura ibiganza byanyu? Aha hose, ahantu hose, mu kuri kose, niba mutari mwakira Umwuka Wera, kandi mukaba mubishaka, muzamure ibiganza byanyu. Aho uri hose, komeza uzamure ikiganza cyawe, akanya gato.

Noneho, ndashaka, mwebwe muhagaze aho kandi murimo mubareba, ndashaka ko buri muntu arambika ibiganza bye kuri bo.

Nizeye ko aka kanya ubu Umwuka Wera aribwuzure buri wese muri mwe ubishaka. Noneho, ntimutekereze kubyo kurya biri hariya muri cafetaria. Reka dutekereze kuri ibi Byokurya biri hano. Ibi ni Ibyo. Ubu ni Ubugingo. Murabona, ubu ni Ubugingo.

Noneho, muhindukire, buri wese muri mwe, maze murambikaneho ibiganza umwe ku wundi. "Kandi barambikanyeho ibiganza." Noneho, ndashaka ko usengera uwo muntu urambitseho ikiganza…

Noneho, ntimutekereze kubyo gusohoka. Ntimugire icyo mutekerezaho kindi. Ahubwo mutekereze, aka kanya, Umwuka Wera ari hano kugira ngo yuzuze buri muntu. Mufungure imitima yanyu, musohore ayo mazi yose yo mu bitega hanze, maze muvuge muti, "O Soko y'Ubugingo, ngwino muri njye, Nyuzuza, O Mwami Imana, hamwe n'ubwiza Bwawe n'imbabazi."

81 Mwami Yesu, iyo Soko idakama, ndasenze, Mana, kugira ngo Wuzuze buri wese muri bo. Reka Umwuka Wera amanuke hano. Ndagusenze, Mana, kugira twibagirwe buri kintu kindi; kugira ngo Umwuka Wera amanukire hagati muri twe aka kanya, kandi Uduhe Amazi y'Ubugingo ku buntu ahantu aho ariho hose. Biduhe, O Mana. Mu gihe... tugikomeza amasengesho n'indirimbo, turi hamwe, Mwami, tuzi uko ibi ari Imbere Yawe, Kugaragara Kwawe kwa Kimana, turashaka kuza ku Isoko. Turashaka nyakuri, umubatizo w'umwimerere hamwe n'Umwuka Wera. Mwami, aba bantu barimo kubisengera. Ndasenze muri uyu mwanya ukwiriye ubu, kugira ngo buzure ubwiza bw'Imana. Biduhe, O Mana. Wumve gusenga kw'abana Bawe. Reka Wowe uze ku kubaho kwabo; reka imbaraga z'Imana, n'Umwuka Wera binyure muri bo. Biduhe

Mana

Oh mbega uko tugushimira kubwo guhembuka, kubera Kugaragara kw'Imana ishobora byose y'ijuru, Ihagaze hagati muri twe. Aka kanya kuri aya masasita, Mwami, uduhaze. Mwami, turashaka ibyo kurya bivuye ku meza yawe. Utugaburire, Mwami, aka kanya. Utugaburire n'Umwuka Wera mu buzima bwacu; ubugingo bushonje kandi buguye umwuma bufite inyota. Nkuko wavuze mu busobanuro bw'indirimbo, "Uzasuka amazi mu gihugu cyumagaye." Reka bibe, Mwami. Reka Ijambo Ryawe rigaragare mu mitima y'abana Bawe; "Amazi ku hantu humye, igihugu cyumagaye." Imana y'iteka, yumva gusenga kw'abakozi Bayo, maze uduhe iyo migisha. Amen

82 Oh, mbega uko ngukunda Ye…

Noneho mukomeze mu muhimbaze ubu. Mumenye ko, Umwuka Wera ari hano. Niba utaramwakira, ni ikosa ryawe.

… Mbega uko nkunda Yesu,

("Ese murakunda kuruta ibi?")… nkunda Yesu,

Kubera ko Yabanje kunkunda.

Oh, mbega uko ngukunda Ye… (Ishimwe ribe iry'Imana.)

Oh, mbega uko ngukunda Ye… (Byagenda bite aramutse aje aka kanya?)

Oh, mbega uko nkunda Yesu,

Kubera ko Yabanjye kunkunda.

Ntabwo nzigera mureka,

Ntabwo nzigera mureka,

Ntabwo nzigera mureka,

Kubera ko Yabanjye kunkunda.

Aratangaje, Aratangaje, Yesu ni uwanjye,

Umujyanama, Igikomangoma cy'amahoro, Imana Ikomeye ni We;

Oh, yarankijije, andinda icyaha cyose n'isoni,

Utangaje ni Umucunguzi wanjye, Hahirwa We…

Reka tumuririmbire noneho.

O, Aratangaje, Aratangaje, Yesu ni uwanjye,

Umujyanama, Igikomangoma cy'amahoro, Imana Ikomeye ni We;

Oh, yarankijije, andinda icyaha cyose n'isoni,

Utangaje ni Umucunguzi wanjye, Hahirwa Izina Rye!

83 Abiyumvamo ibyo mwese, muvuge muti, "Amena." [Iteraniro riravuga riti, "Amena." —Ed.] Oh, halleluya. Nabonye abantu bazamo aho hamwe n'Umwuka Wera.

Igihe kimwe narinzimiye, noneho narabonetse, nkize gucirwaho urubanza kose,

Yesu yampaye kubohoka n'agakiza kuzuye;

Yarankijije, andinda icyaha cyose n'isoni,

Utangaje ni Umucunguzi wanjye, duhimbaze…

Reka tuzamure ibiganza byacu nyakuri maze duhimbaze.

Oh, aratangaje, aratangaje, Yesu niko ari kuri njye,

Umujyanama, Igikomangoma cy'Amahoro, Imana Ikomeye ni We;

O Yarankijije, andinda icyaha cyose n'isoni,

Utangaje ni Umucunguzi wanjye, duhimbaze Izina Rye,

Ese muramukunda? Oh, biratangaje. Mumuhimbaze… Iyo Soko yuzuye Amaraso, aho abanyabyaha bahamburwa ubwoba bwose bw'umuntu, gucirwaho iteka kose, aho baba babohowe muri we. Halleluya. Oh, mbega, ibyo biratangaje.

Noneho, mugihe turimo turirimba ibyo nanone, reka tureke Abametodiste bose, Ababaptista, Abagaturika, Abapresbyteriani, ni ikindi baricyo, mu gihe turimo kuririmba ibi, "Utangaje, Yesu Ni we Ari we kuri njye," Reka duhindukire aho maze dukorane mu biganza umwe ku wundi, maze tugire kuba umwe kwa kera. Murazi, njye, icyo nicyo nkuda. Muze, reka tubiririmbe mu gihe turimo kubikora.

Oh, aratangaje, aratangaje, Yesu niko ari kuri njye,

[Mwene Data Demos Shakarian avugana na Mwene Data Branham ku bijyanye na Prezida Johnson wafashwe n'umutima —Ed.]

Aratangaje, Yesu, (Uko ni ukuri.)

Oh, Umujyanama, Igikomangoma cy'Amahoro,

[Mwene Data Shakarian yongera kuvugana na Mwene Data Branham.‟ Mwene Data Earl Prickett ayobora amateraniro mu ndirimbo, ”Aratangaje.‟ Umwanya utariho ikintu kuri kasete. Iteraniro riraririmba ”Aho ku Mugezi w'Ubugingo.‟ Umwanya utariho ikintu kuri kasete—Ed.]

84 Bibiliya iravuga iti, "Musengerere ababayobora."

85 Data wo mu ijuru, turimo turasenga dufite icyifuzo cyihebye kubera umuyobozi w'igihugu cyacu, Perezida wacu. Ashobora kutazamenya ibi, Mwami, ariko Wowe urabizi. Nsengeye Mwene Data Johnson, nkuko yahamije ko ari umwizera muri Wowe. Kandi, Data, afashwe n'umutima, turabizi, wamufashe. Ndasenze, Mana, ukize ubuzima bwe. Turi... mu bibazo ku rwego rw'igihugu kuri ubu. Noneho reka Umwuka Wera aze kuri we, Mwami. kandi aka kanya, yaba ari mu bitaro cyangwa ahandi hose yaba, reka Umwuka Wera amanuke kuri ibyo Bitaro bya Walter Reed maze akore ku mubiri we, akize ubuzima bwe. Mwami, umuntu ufite agahato, agahato karenze ibyo byatekerezwa. Uko niko dusenze, Mana, nk'abizera kandi nk'abagize igice cy'iki gihugu, dusengeye umuyobozi wacu, kugira ngo Umuhe kongererwa ubuzima kuri iyi saha ikomeye, mu Izina rya Yesu Kristo. Amena.

MESSAGE hub online

www.messagehub.info

Ibibwiriza bya

William Marrion Branham

"…mu minsi y'ijwi …" Ibyah. 10:7